Umwaka wa 60
Igazeti ya Leta n° 32 ter yo ku wa 30/08/2021

Year 60
Official Gazette n° 32 ter of 30/08/2021

60ème Année
Journal Officiel n° 32 ter du 30/08/2021

Ibirimo/Summary/Sommaire *page/urup.*

A. ***Amategeko/Laws/Lois***

N° 54/2021 ryo ku wa 29/08/2021
Itegeko rigenga Urwego rw'Umuvunyi……..2
N° 54/2021 of 29/08/2021
Law governing the Office of the Ombudsman……2
N° 54/2021 du 29/08/2021
Loi régissant l'Office de l'Ombudsman……..2

N° 55/2021 ryo ku wa 29/08/2021
Itegeko rigenga imenyekanishamutungo ……33
N° 55/2021 of 29/08/2021
Law on declaration of assets…….....33
N° 55/2021 du 29/08/2021
Loi portant déclaration des biens……...33

B. ***Iteka ya Minisitiri w'Intebe/Prime Minister's Order/Arrêté du Priemier Ministre***

Nº 020/03 ryo ku wa 29/08/2021
Iteka rya Minisitiri w'Intebe rigenga amatora y'abagize Komite Nyobozi ya buri Nama y'Igihugu……..58
Nº 020/03 of 29/08/2021
Prime Minister's Order governing elections of the members of the Executive Committee of each National Council……...58
Nº 020/03 du 29/08/2021
Arrêté du Premier Ministre portant elections des membres du Comité Exécutif de chaque Conseil National……...58

ITEGEKO N° 54/2021 RYO KU WA 29/08/2021 RIGENGA URWEGO RW'UMUVUNYI	**LAW N° 54/2021 OF 29/08/2021 GOVERNING THE OFFICE OF THE OMBUDSMAN**	**LOI N° 54/2021 DU 29/08/2021 RÉGISSANT L'OFFICE DE L'OMBUDSMAN**
ISHAKIRO	**TABLE OF CONTENTS**	**TABLE DES MATIÈRES**
UMUTWE WA MBERE: INGINGO RUSANGE **Ingingo ya mbere: Icyo iri tegeko rigamije** **Ingingo ya 2: Ubuzimagatozi, ubwigenge n'ubwisanzure by'Urwego** **Ingingo ya 3: Icyicaro cy'Urwego** **UMUTWE II: INSHINGANO N'UBUBASHA BY'URWEGO** **Ingingo ya 4: Inshingano z'Urwego** **Ingingo ya 5: Ububasha bw'Urwego** **UMUTWE WA III: IMITUNGANYIRIZE N'IMIKORERE BY'URWEGO** **Icyiciro cya mbere: Imitunganyirize y'Urwego**	**CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS** **Article One: Purpose of this Law** **Article 2: Legal personality, independence and autonomy of the Office** **Article 3: Headquarters of the Office** **CHAPTER II: RESPONSIBILITIES AND POWERS OF THE OFFICE** **Article 4: Responsibilities of the Office** **Article 5: Powers of the Office** **CHAPTER III: ORGANISATION AND FUNCTIONING OF THE OFFICE** **Section One: Organisation of the Office**	**CHAPITRE PREMIER : DISPOSITIONS GÉNÉRALES** **Article premier : Objet de la présente loi** **Article 2 : Personnalité juridique, indépendance et autonomie de l'Office** **Article 3 : Siège de l'Office** **CHAPITRE II : ATTRIBUTIONS ET COMPÉTENCES DE L'OFFICE** **Article 4 : Attributions de l'Office** **Article 5 : Compétences de l'Office** **CHAPITRE III : ORGANISATION ET FONCTIONNEMENT DE L'OFFICE** **Section première : Organisation de l'Office**

Ingingo ya 6: Inzego zigize Urwego	**Article 6: Organs of the Office**	**Article 6 : Organes de l'Office**
Akiciro ka mbere: Biro y'Urwego	**Subsection One: Bureau of the Office**	**Sous-section première : Bureau de l'Office**
Ingingo ya 7: Biro y'Urwego	**Article 7: Bureau of the Office**	**Article 7 : Bureau de l'Office**
Ingingo ya 8: Abagize Biro y'Urwego	**Article 8: Members of the Bureau of the Office**	**Article 8 : Membres du Bureau de l'Office**
Ingingo ya 9: Ishyirwaho ry'Umuvunyi Mukuru n'Umuvunyi Wungirije na manda yabo	**Article 9: Appointment of the Ombudsman and the Deputy Ombudsman and their term of office**	**Article 9 : Nomination de l'Ombudsman et de l'Ombudsman adjoint et leur mandat**
Ingingo ya 10: Ibisabwa ku mwanya w'Umuvunyi Mukuru n'Umuvunyi Wungirije	**Article 10: Requirements for being Ombudsman and Deputy Ombudsman**	**Article 10 : Conditions requises pour être Ombudsman et Ombudsman adjoint**
Ingingo ya 11: Ibitabangikanywa no kuba Umuvunyi Mukuru cyangwa Umuvunyi Wungirije	**Article 11: Incompatibilities with the duties of Ombudsman or Deputy Ombudsman**	**Articles 11 : Incompatibilités avec les fonctions d'Ombudsman ou d'Ombudsman adjoint**
Ingingo ya 12: Irahira ry'Umuvunyi Mukuru n'Umuvunyi Wungirije	**Article 12: Oath-taking by the Ombudsman and the Deputy Ombudsman**	**Article 12 : Prestation de serment de l'Ombudsman et de l'Ombudsman adjoint**
Ingingo ya 13: Umushahara n'ibindi bigenerwa Umuvunyi Mukuru n'Umuvunyi Wungirije	**Article 13: Salary and fringe benefits allocated to the Ombudsman and the Deputy Ombudsman**	**Article 13 : Salaire et avantages alloués à l'Ombudsman et à l'Ombudsman adjoint**

Ingingo ya 14: Impamvu zituma Umuvunyi Mukuru cyangwa Umuvunyi Wungirije ava muri uwo mwanya n'uko asimburwa	**Article 14: Grounds for termination of office of Ombudsman or Deputy Ombudsman and modalities for his or her replacement**	**Article 14 : Motifs de cessation des fonctions d'Ombudsman ou d'Ombudsman adjoint et modalités de son remplacement**
Akiciro ka 2: Ubunyamabanga Buhoraho	**Subsection 2: Permanent Secretariat**	**Sous-section 2 : Secrétariat permanent**
Ingingo ya 15: Ubunyamabanga Buhoraho bw'Urwego	**Article 15: Permanent Secretariat of the Office**	**Article 15 : Secrétariat permanent de l'Office**
Ingingo ya 16: Ishyirwaho ry'abagize Ubunyamabanga Buhoraho	**Article 16: Appointment of members of the Permanent Secretariat**	**Article 16 : Nomination des membres du Secrétariat permanent**
Icyiciro cya 2: Imikorere y'Urwego	**Section 2: Functioning of the Office**	**Section 2 : Fonctionnement de l'Office**
Akiciro ka mbere: Ishyirwa mu bikorwa ry'inshingano z'abagize Biro y'Urwego	**Subsection One: Performance of duties of members of the Bureau of the Office**	**Sous-section première : Exercice des fonctions des membres du Bureau de l'Office**
Ingingo ya 17: Inshingano za Biro y'Urwego	**Article 17: Responsibilities of the Bureau of the Office**	**Article 17 : Attributions du Bureau de l'Office**
Ingingo ya 18: Imikorere ya Biro y'Urwego	**Article 18: Functioning of the Bureau of the Office**	**Article 18 : Fonctionnement du Bureau de l'Office**
Ingingo ya 19: Inshingano z'Umuvunyi Mukuru	**Article 19: Responsibilities of the Ombudsman**	**Article 19 : Attributions de l'Ombudsman**
Ingingo ya 20: Inshingano z'Umuvunyi Wungirije ushinzwe gukumira no kurwanya akarengane	**Article 20: Responsibilities of the Deputy Ombudsman in charge of Preventing and Fighting Injustice**	**Article 20 : Attributions de l'Ombudsman adjoint chargé de la prévention et de la lutte contre l'injustice**

Ingingo ya 21: Inshingano z'Umuvunyi Wungirije ushinzwe gukumira no kurwanya ruswa	**Article 21: Responsibilities of the Deputy Ombudsman in charge of Preventing and Fighting Corruption**	**Article 21 : Attributions de l'Ombudsman adjoint chargé de la prévention et de la lutte contre la corruption**
Akiciro ka 2: Imikorere y'Ubunyamabanga Buhoraho	**Subsection 2: Functioning of the Permanent Secretariat**	**Sous-section 2 : Fonctionnement du Secrétariat permanent**
Ingingo ya 22: Inshingano z'Umunyamabanga Uhoraho w'Urwego	**Article 22: Responsibilities of the Permanent Secretary of the Office**	**Article 22 : Attributions du Secrétaire permanent de l'Office**
Ingingo 23: Imbonerahamwe y'imyanya y'imirimo y'Urwego	**Article 23: Organisational structure of the Office**	**Article 23 : Cadre organique de l'Office**
Ingingo ya 24: Imishahara n'ibindi bigenerwa abagize Ubunyamabanga Buhoraho bw'Urwego	**Article 24: Salaries and fringe benefits allocated to members of the Permanent Secretariat of the Office**	**Article 24 : Salaires et avantages alloués aux membres du Secrétariat permanent de l'Office**
Akiciro ka 3: Imikoranire n'izindi nzego	**Subsection 3: Collaboration with other organs**	**Sous-section 3 : Collaboration avec d'autres organes**
Ingingo ya 25: Imikoranire y'Urwego n'izindi nzego	**Article 25: Collaboration between the Office and other organs**	**Article 25 : Collaboration entre l'Office et d'autres organes**
Ingingo ya 26: Raporo na gahunda y'ibikorwa n'abo bishyikirizwa	**Article 26: Reports and action plan and persons to whom they are submitted**	**Article 26 : Rapports et plan d'action et personnes auxquelles ils sont soumis**
UMUTWE WA IV: INAMA NGISHWANAMA YO KURWANYA AKARENGANE NA RUSWA	**CHAPTER IV: ADVISORY COUNCIL FOR THE FIGHT AGAINST INJUSTICE AND CORRUPTION**	**CHAPITRE IV : CONSEIL CONSULTATIF DE LUTTE CONTRE L'INJUSTICE ET LA CORRUPTION**

Ingingo ya 27: Ishyirwaho, inshingano, imitunganyirize n'imikorere by'Inama Ngishwanama yo kurwanya akarengane na ruswa	**Article 27: Establishment, responsibilities, organisation and functioning of the Advisory Council for the Fight Against Injustice and Corruption**	**Article 27 : Création, attributions, organisation et fonctionnement du Conseil consultatif de lutte contre l'injustice et la corruption**
UMUTWE WA V: UMUTUNGO N'IMARI BY'URWEGO	**CHAPTER V: PROPERTY AND FINANCES OF THE OFFICE**	**CHAPITRE V : PATRIMOINE ET FINANCES DE L'OFFICE**
Ingingo ya 28: Umutungo n'inkomoko yawo	**Article 28: Property and its sources**	**Article 28 : Patrimoine et ses sources**
Ingingo ya 29: Imicungire, imikoreshereze n'igenzura by'umutungo	**Article 29: Management, use and audit of property**	**Article 29 : Gestion, utilisation et audit du patrimoine**
Ingingo ya 30: Ingengo y'imari y'Urwego	**Article 30: Budget of the Office**	**Article 30 : Budget de l'Office**
UMUTWE WA VI: INGINGO ZINYURANYE, IZ'INZIBACYUHO N'IZISOZA	**CHAPTER VI: MISCELLANEOUS, TRANSITIONAL AND FINAL PROVISIONS**	**CHAPITRE VI : DISPOSITIONS DIVERSES, TRANSITOIRES ET FINALES**
Ingingo ya 31: Gukurikirana Umuvunyi Mukuru cyangwa Umuvunyi Wungirije	**Article 31: Prosecution of the Ombudsman or the Deputy Ombudsman**	**Article 31 : Poursuite contre l'Ombudsman ou l'Ombudsman adjoint**
Ingingo ya 32: Amategeko ngengamikorere y'Urwego	**Article 32: Internal rules and regulations of the Office**	**Article 32 : Règlement d'ordre intérieur de l'Office**
Ingingo ya 33: Manda y'Umuvunyi Mukuru n'iy'Umuvunyi Wungirije bari mu mirimo	**Article 33: Term of office of the incumbent Ombudsman and Deputy Ombudsman**	**Article 33 : Mandat de l'Ombudsman et de l'Ombudsman adjoint en fonction**

Ingingo ya 34: Amateka ateganywa n'iri tegeko	**Article 34: Orders provided for under this Law**	**Article 34 : Arrêtés prévus par la présente loi**
Ingingo ya 35: Ibyakorwaga n'Urwego bitararangira bikaba bitakiri mu nshingano zarwo	**Article 35: Pending actions started by the Office which no longer fall within the scope of the Office's responsibilities**	**Article 35 : Actions pendantes engagées par l'Office ne relevant plus de ses attributions**
Ingingo ya 36: Itegurwa, isuzumwa n'itorwa by'iri tegeko	**Article 36: Drafting, consideration and adoption of this Law**	**Article 36 : Initiation, examen et adoption de la présente loi**
Ingingo ya 37: Ivanwaho ry'itegeko n'ingingo z'amategeko binyuranyije n'iri tegeko	**Article 37: Repealing provision**	**Article 37 : Disposition abrogatoire**
Ingingo ya 38: Igihe iri tegeko ritangira gukurikizwa	**Article 38: Commencement**	**Article 38 : Entrée en vigueur**

ITEGEKO N° 54/2021 RYO KU WA 29/08/2021 RIGENGA URWEGO RW'UMUVUNYI	**LAW N° 54/2021 OF 29/08/2021 GOVERNING THE OFFICE OF THE OMBUDSMAN**	**LOI N° 54/2021 DU 29/08/2021 RÉGISSANT L'OFFICE DE L'OMBUDSMAN**
Twebwe, KAGAME Paul, Perezida wa Repubulika;	**We, KAGAME Paul,** President of the Republic;	**Nous, KAGAME Paul,** Président de la République ;
INTEKO ISHINGA AMATEGEKO YEMEJE NONE NATWE DUHAMIJE, DUTANGAJE ITEGEKO RITEYE RITYA KANDI DUTEGETSE KO RITANGAZWA MU IGAZETI YA LETA YA REPUBULIKA Y'U RWANDA	**THE PARLIAMENT HAS ADOPTED AND WE SANCTION, PROMULGATE THE FOLLOWING LAW AND ORDER IT BE PUBLISHED IN THE OFFICIAL GAZETTE OF THE REPUBLIC OF RWANDA**	**LE PARLEMENT A ADOPTÉ ET NOUS SANCTIONNONS, PROMULGUONS LA LOI DONT LA TENEUR SUIT ET ORDONNONS QU'ELLE SOIT PUBLIÉE AU JOURNAL OFFICIEL DE LA RÉPUBLIQUE DU RWANDA**
INTEKO ISHINGA AMATEGEKO:	**THE PARLIAMENT:**	**LE PARLEMENT :**
Umutwe w'Abadepite, mu nama yawo yo ku wa 12 Gicurasi 2021;	The Chamber of Deputies, in its sitting of 12 May 2021;	La Chambre des Députés, en sa séance du 12 mai 2021;
Ishingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo mu 2003 ryavuguruwe mu 2015, cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 63, iya 64, iya 69, iya 70, iya 88, iya 90, iya 91, iya 106, iya 112, iya 119, iya 120, iya 122, iya 139 n'iya 176;	Pursuant to the Constitution of the Republic of Rwanda of 2003 revised in 2015, especially in Articles 63, 64, 69, 70, 88, 90, 91, 106, 112, 119, 120, 122, 139 and 176;	Vu la Constitution de la République du Rwanda de 2003 révisée en 2015, spécialement en ses articles 63, 64, 69, 70, 88, 90, 91, 106, 112, 119, 120, 122, 139 et 176 ;

Isubiye ku Itegeko n° 76/2013 ryo ku wa 11/9/2013 rigena inshingano, ububasha, imiterere n'imikorere by'Urwego rw'Umuvunyi;	Having reviewed Law n° 76/2013 of 11/9/2013 determining the mission, powers, organization and functioning of the Office of the Ombudsman;	Revu la Loi n° 76/2013 du 11/9/2013 déterminant les missions, compétence, organisation et fonctionnement de l'Office de l'Ombudsman ;
YEMEJE:	**ADOPTS:**	**ADOPTE :**
UMUTWE WA MBERE: INGINGO RUSANGE	**CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS**	**CHAPITRE PREMIER : DISPOSITIONS GÉNÉRALES**
Ingingo ya mbere: Icyo iri tegeko rigamije	**Article One: Purpose of this Law**	**Article premier : Objet de la présente loi**
Iri tegeko rigena inshingano, ububasha, imitunganyirize n'imikorere by'Urwego rw'Umuvunyi rwitwa "Urwego" mu ngingo zikurikira.	This Law determines the responsibilities, powers, organization and functioning of the Office of the Ombudsman, hereinafter referred to as "the Office".	La présente loi détermine les attributions, les compétences, l'organisation et le fonctionnement de l'Office de l'Ombudsman, ci-après dénommé « l'Office ».
Ingingo ya 2: Ubuzimagatozi, ubwigenge n'ubwisanzure by'Urwego	**Article 2: Legal personality, independence and autonomy of the Office**	**Article 2 : Personnalité juridique, indépendance et autonomie de l'Office**
Urwego rufite ubuzimagatozi, ubwigenge n'ubwisanzure mu miyoborere, mu micungire y'abakozi n'umutungo.	The Office has legal personality, is independent and enjoys administrative and financial autonomy.	L'Office est doté de la personnalité juridique, est indépendant et jouit d'une autonomie administrative et financière.
Ingingo ya 3: Icyicaro cy'Urwego	**Article 3: Headquarters of the Office**	**Article 3 : Siège de l'Office**
Icyicaro cy'Urwego kiri mu Mujyi wa Kigali, Umurwa Mukuru wa Repubulika y'u Rwanda.	The Office's headquarters is located in the City of Kigali, the Capital of the Republic of Rwanda.	L'Office a son siège dans la Ville de Kigali, capitale de la République du Rwanda.

Iteka rya Minisitiri w'Intebe rishobora kwemeza ko icyicaro cy'Urwego cyimurirwa ahandi mu gihugu cyangwa ko hashyirwaho amashami y'Urwego igihe bibaye ngombwa.	If deemed necessary, an Order of the Prime Minister may approve the relocation of the Office's headquarters to another location on the national territory or the establishment of the Office's branches.	Un arrêté du Premier Ministre peut, en cas de nécessité, approuver le transfert du siège de l'Office vers un autre lieu du territoire national ou la création de branches de l'Office.
UMUTWE II: INSHINGANO N'UBUBASHA BY'URWEGO	**CHAPTER II: RESPONSIBILITIES AND POWERS OF THE OFFICE**	**CHAPITRE II : ATTRIBUTIONS ET COMPÉTENCES DE L'OFFICE**
Ingingo ya 4: Inshingano z'Urwego	**Article 4: Responsibilities of the Office**	**Article 4 : Attributions de l'Office**
Inshingano z'Urwego ni izi zikurikira:	The Office has the following responsibilities:	L'Office a les attributions suivantes :
1º gukumira no kurwanya akarengane na ruswa;	1° to prevent and fight injustice and corruption;	1° prévenir et lutter contre l'injustice et la corruption ;
2º gutoza Abanyarwanda indangagaciro zo kwanga, gukumira, kwirinda no kurwanya akarengane na ruswa;	2° to instil in the Rwandans values that consist in resisting, preventing, avoiding and fighting injustice and corruption;	2° inculquer aux Rwandais les valeurs de résistance à l'injustice et à la corruption et celles consistant à les prévenir, les éviter et les combattre ;
3º gusuzuma no gukora igikwiye ku bibazo by'akarengane na ruswa bitakemuwe n'inzego zibishinzwe;	3° to review and decide on injustice and corruption complaints that are not resolved by relevant organs;	3° examiner et statuer sur les plaintes d'injustice et de corruption non résolues par les organes compétents ;
4º kwakira no kugenzura imenyekanishamutungo;	4° to receive and verify asset declarations;	4° recevoir et vérifier les déclarations de patrimoine ;
5º kugira inama Guverinoma mu gushyiraho no guteza imbere politiki	5° to advise the Government on the establishment and promotion of policies and strategies to prevent,	5° conseiller le Gouvernement sur la mise en place et la promotion des politiques et des stratégies de prévention, de lutte

n'ingamba byo gukumira, kurwanya no guhana akarengane na ruswa;	fight and punish injustice and corruption;	contre et de répression de l'injustice et de la corruption ;
6º gukurikirana uko politiki n'ingamba byo gukumira no kurwanya akarengane na ruswa bishyirwa mu bikorwa;	6° to monitor the implementation of policies and strategies aimed at preventing and fighting injustice and corruption;	6° assurer le suivi de la mise en œuvre des politiques et des stratégies de prévention et de lutte contre l'injustice et la corruption ;
7º gushyikirana no gukorana n'inzego zo ku rwego rw'akarere no ku rwego mpuzamahanga bihuje inshingano;	7° to establish contacts and cooperate with regional and international institutions having similar responsibilities;	7° établir des contacts et des relations de coopération avec les institutions régionales et internationales ayant des attributions similaires ;
8º gushyira mu bikorwa izindi nshingano rwahabwa n'itegeko.	8° to carry out such other responsibilities as may be assigned by Law.	8° accomplir toutes autres attributions pouvant lui être confiées par la loi.
<u>Ingingo ya 5</u>: Ububasha bw'Urwego	**<u>Article 5:</u> Powers of the Office**	**<u>Article 5 :</u> Compétences de l'Office**
Urwego rufite ububasha bukurikira:	The Office has the following powers:	L'Office a les compétences suivantes :
1º kwakira, gusuzuma no gukurikirana ibibazo, ibikorwa n'ibyemezo byerekeranye n'akarengane;	1º to receive, review and monitor complaints, acts and decisions related to injustice;	1° recevoir, examiner les plaintes, les actes et les décisions liés à l'injustice et en assurer le suivi ;
2º kwakira, gushakisha, gukurikirana no gusesengura amakuru kuri ruswa no gushyikiriza ibyagaragaye inzego bireba;	2º to receive, search, monitor and analyse information on corruption and submit findings thereon to competent organs;	2° recevoir, chercher, surveiller et analyser des informations sur la corruption et en soumettre les résultats aux organes compétents ;

3º gukurikirana ibibazo by'akarengane na ruswa rwashyikirije inzego kugira ngo bikurikiranwe cyangwa bikemurwe;	3º to follow up on injustice and corruption complaints referred to organs for investigation or resolution;	3° assurer le suivi des plaintes d'injustice et de corruption renvoyées aux organes pour enquête ou résolution ;
4º kwaka inzego za Leta, izindi nzego cyangwa umuntu wese inyandiko, ubuhamya cyangwa ibisobanuro bikenewe mu gusuzuma ibibazo by'akarengane na ruswa;	4º to require institutions, other institutions, or any individual to provide a document, testimony or explanations necessary for the consideration of injustice and corruption cases;	4° exiger des institutions, autres institutions, ou d'un quelconque individu qu'ils fournissent un document, un témoignage ou des explications nécessaires à l'examen des cas d'injustice et de corruption ;
5º gusaba Urukiko rw'Ikirenga gusuzuma no gusubiramo urubanza rwaciwe ku rwego rwa nyuma, mu gihe rusanga harimo akarengane, hakurikijwe ibiteganywa n'amategeko abigenga.	5º to request the Supreme Court to examine and review, in accordance with relevant legal provisions, a final judgement when it finds that the judgment is marred by injustice.	5° demander à la Cour suprême de procéder, conformément aux dispositions légales en la matière, à l'examen et à la révision d'un jugement rendu en dernier ressort lorsqu'il constate que ce jugement est entaché d'injustice.
UMUTWE WA III: IMITUNGANYIRIZE N'IMIKORERE BY'URWEGO	**CHAPTER III: ORGANISATION AND FUNCTIONING OF THE OFFICE**	**CHAPITRE III : ORGANISATION ET FONCTIONNEMENT DE L'OFFICE**
Icyiciro cya mbere: Imitunganyirize y'Urwego	**Section One: Organisation of the Office**	**Section première : Organisation de l'Office**
Ingingo ya 6: Inzego zigize Urwego	**Article 6: Organs of the Office**	**Article 6 : Organes de l'Office**
Inzego zigize Urwego ni izi zikurikira:	The organs of the Office are as follows:	Les organes de l'Office sont les suivants :

1° Biro y'Urwego; 2° Ubunyamabanga Buhoraho.	1° the Bureau of the Office; 2° the Permanent Secretariat.	1° le Bureau de l'Office ; 2° le Secrétariat permanent.
Akiciro ka mbere: Biro y'Urwego	**Subsection One: Bureau of the Office**	**Sous-section première : Bureau de l'Office**
Ingingo ya 7: Biro y'Urwego	**Article 7: Bureau of the Office**	**Article 7 : Bureau de l'Office**
Biro y'Urwego ni rwo rwego rukuru mu byerekeye imiyoborere y'Urwego no gufata ibyemezo.	The Bureau of the Office is the supreme management and decision-making organ of the Office.	Le Bureau de l'Office est l'organe suprême de direction et de prise de décisions de l'Office.
Ingingo ya 8: Abagize Biro y'Urwego	**Article 8: Members of the Bureau of the Office**	**Article 8 : Membres du Bureau de l'Office**
Biro y'Urwego igizwe n'Umuvunyi Mukuru, Umuvunyi Wungirije ushinzwe gukumira no kurwanya akarengane n'Umuvunyi Wungirije ushinzwe gukumira no kurwanya ruswa. Iteka rya Perezida rishobora gushyiraho undi Muvunyi Wungirije rikamugenera n'inshingano. Nibura mirongo itatu ku ijana (30%) by'abagize Biro y'Urwego bagomba kuba ari abagore.	The Bureau of the Office consists of the Ombudsman, the Deputy Ombudsman in charge of Preventing and Fighting Injustice and the Deputy Ombudsman in charge of Preventing and Fighting Corruption. A Presidential Order may appoint another Deputy Ombudsman and determine his or her duties. At least thirty percent (30%) of the members of the Bureau of the Office must be female.	Le Bureau de l'Office est composé de l'Ombudsman, de l'Ombudsman adjoint chargé de la prévention et de la lutte contre l'injustice et de l'Ombudsman adjoint chargé de la prévention et de la lutte contre la corruption. Un arrêté présidentiel peut porter nomination d'un autre Ombudsman adjoint et déterminer ses attributions. Au moins trente pourcent (30%) des membres du Bureau de l'Office doivent être de sexe féminin.

<u>Ingingo ya 9</u>: Ishyirwaho ry'Umuvunyi Mukuru n'Umuvunyi Wungirije na manda yabo	**<u>Article 9:</u> Appointment of the Ombudsman and the Deputy Ombudsman and their term of office**	**<u>Article 9 :</u> Nomination de l'Ombudsman et de l'Ombudsman adjoint et leur mandat**
Umuvunyi Mukuru n'Umuvunyi Wungirije bashyirwaho n'Iteka rya Perezida.	The Ombudsman and the Deputy Ombudsman are appointed by a Presidential Order.	L'Ombudsman et l'Ombudsman adjoint sont nommés par arrêté présidentiel.
Umuvunyi Mukuru n'Umuvunyi Wungirije bagira manda y'imyaka itanu (5) ishobora kongerwa inshuro imwe (1).	The Ombudsman and the Deputy Ombudsman serve for a term of five (5) years, renewable once.	L'Ombudsman et l'Ombudsman adjoint ont un mandat de cinq (5) ans, renouvelable une fois.
<u>Ingingo ya 10</u>: Ibisabwa ku mwanya w'Umuvunyi Mukuru n'Umuvunyi Wungirije	**<u>Article 10:</u> Requirements for being Ombudsman and Deputy Ombudsman**	**<u>Article 10 :</u> Conditions requises pour être Ombudsman et Ombudsman adjoint**
Umuvunyi Mukuru cyangwa Umuvunyi Wungirije agomba kuba:	The Ombudsman or the Deputy Ombudsman must:	L'Ombudsman ou l'Ombudsman adjoint doit :
1° ari umunyarwanda;	1° be a Rwandan national;	1° être de nationalité rwandaise ;
2° ari inyangamugayo;	2° be a person of integrity;	2° être intègre ;
3° azwiho kugira ubushishozi n'ubushobozi bwo kurangiza inshingano ze;	3° be known for having foresight and abilities necessary for the discharge of his or her duties;	3° être connu pour avoir la clairvoyance et les compétences nécessaires à l'accomplissement de ses fonctions ;
4° atarakatiwe burundu igihano cy'igifungo kingana cyangwa kirengeje amezi atandatu (6);	4° not have been definitively sentenced to a term of imprisonment equal to or exceeding six (6) months;	4° ne pas avoir été condamné définitivement à une peine d'emprisonnement supérieure ou égale à six (6) mois ;

5° atarahamwe n'icyaha cya jenoside, icyaha cy'ingengabitekerezo ya jenoside n'ibyaha bifitanye isano na yo.	5° not have been convicted of the crime of genocide, that of genocide ideology and related crimes.	5° ne pas avoir été reconnu coupable du crime de génocide, d'idéologie du génocide et de crimes connexes.
<u>Ingingo ya 11</u>: Ibitabangikanywa no kuba Umuvunyi Mukuru cyangwa Umuvunyi Wungirije	**<u>Article 11:</u> Incompatibilities with the duties of Ombudsman or Deputy Ombudsman**	**<u>Articles 11 :</u> Incompatibilités avec les fonctions d'Ombudsman ou d'Ombudsman adjoint**
Umuvunyi Mukuru cyangwa Umuvunyi Wungirije ntibagomba:	The Ombudsman or the Deputy Ombudsman is not allowed to:	L'Ombudsman ou l'Ombudsman adjoint n'est pas autorisé à :
1º gukora akandi kazi gahemberwa;	1° perform any other remunerated work;	1° accomplir tout autre travail rémunéré ;
2º gushora imari cyangwa kugira amasezerano ku buryo ubwo aribwo bwose bwabangamira inshingano bafite;	2° make an investment or enter into a contract likely to undermine his or her duties in any way whatsoever;	2° faire un investissement ou conclure un contrat susceptible de compromettre ses fonctions de quelque manière que ce soit ;
3º gupiganirwa amasoko ya Leta cyangwa ay'inzego zigenga.	3° bid for public or private contracts.	3° soumissionner pour des marchés publics ou privés.
<u>Ingingo ya 12</u>: Irahira ry'Umuvunyi Mukuru n'Umuvunyi Wungirije	**<u>Article 12:</u> Oath-taking by the Ombudsman and the Deputy Ombudsman**	**<u>Article 12 :</u> Prestation de serment de l'Ombudsman et de l'Ombudsman adjoint**
Mbere yo gutangira imirimo, Umuvunyi Mukuru n'Umuvunyi Wungirije barahirira imbere ya Perezida wa Repubulika.	Before assuming office, the Ombudsman and the Deputy Ombudsman take their oath of office before the President of the Republic.	Avant d'entrer en fonctions, l'Ombudsman et l'Ombudsman adjoint prêtent serment devant le Président de la République.

<u>Ingingo ya 13</u>: Umushahara n'ibindi bigenerwa Umuvunyi Mukuru n'Umuvunyi wungirije Inama y'Abaminisitiri yemeza umushahara n'ibindi bigenerwa Umuvunyi Mukuru n'Umuvunyi wungirije.	**<u>Article 13</u>: Salary and fringe benefits allocated to the Ombudsman and the Deputy Ombudsman** The Cabinet approves the salary and fringe benefits allocated to the Ombudsman and the Deputy Ombudsman.	**<u>Article 13 :</u> Salaire et avantages alloués à l'Ombudsman et à l'Ombudsman adjoint** Le Conseil des Ministres approuve le salaire et les avantages alloués à l'Ombudsman et à l'Ombudsman adjoint.
<u>Ingingo ya 14</u>: Impamvu zituma Umuvunyi Mukuru cyangwa Umuvunyi wungirije ava muri uwo mwanya n'uko asimburwa Umuvunyi Mukuru cyangwa Umuvunyi Wungirije ava muri uwo mwanya iyo: 1° manda irangiye; 2° ahawe indi mirimo; 3° afite uburwayi bumubuza kuzuza inshingano ze, byemejwe na muganga wemewe na Leta; 4° yeguye ku mirimo ye akoresheje inyandiko; 5° atacyujuje ibyashingiweho mu gihe yashyirwagaho;	**<u>Article 14</u>: Grounds for termination of office of Ombudsman or Deputy Ombudsman and modalities for his or her replacement** The Ombudsman or the Deputy Ombudsman ceases to hold office if: 1° his or her term of office expires; 2° he or she is assigned other duties; 3° he or she suffers from an illness which prevents him or her from discharging his or her duties, as certified by a recognized medical doctor; 4° he or she resigns in writing; 5° he or she no longer satisfies the requirements having served as the basis for his or her being appointed;	**<u>Article 14 :</u> Motifs de cessation des fonctions d'Ombudsman ou d'Ombudsman adjoint et modalités de son remplacement** L'Ombudsman ou l'Ombudsman adjoint cesse ses fonctions lorsque : 1° son mandat expire ; 2° il se voit confier d'autres fonctions ; 3° il souffre d'une maladie l'empêchant de remplir ses fonctions, tel qu'attesté par un médecin agréé ; 4° il démissionne par écrit ; 5° il ne remplit plus les conditions ayant servi de base pour sa nomination ;

6° apfuye.	6° he or she dies.	6° il décède.
Umuvunyi Mukuru cyangwa Umuvunyi wungirije weguye ku mirimo ashyikiriza mu nyandiko Perezida wa Repubulika ubwegure bwe. Iyo Perezida wa Repubulika atagize icyo abivugaho mu gihe cy'iminsi mirongo itatu (30), ibarwa uhereye igihe yashyikirijwe inyandiko y'ubwegure, ukwegura kuba kwemewe.	The Ombudsman or the Deputy Ombudsman who resigns tenders his or her resignation in writing to the President of the Republic. If the President of the Republic does not decide thereon within thirty (30) days of receipt of written notice of resignation, the resignation is deemed accepted.	L'Ombudsman ou l'Ombudsman adjoint qui démissionne présente sa démission par écrit au Président de la République. Lorsque le Président de la République ne s'y prononce pas dans les trente (30) jours suivant la réception de l'avis écrit de démission, cette démission est réputée acceptée.
Iyo ugize Biro y'Urwego agiye kurangiza manda, Umuvunyi Mukuru abimenyesha, mu nyandiko, Perezida wa Repubulika hasigaye nibura amezi atatu (3) ngo iyo manda irangire.	When the term of office of a member of the Bureau of the Office nears its end, the Ombudsman notifies the President of the Republic thereof in writing at least three (3) months before the expiry of the term of office.	Lorsque l'expiration du mandat d'un membre du Bureau de l'Office approche, l'Ombudsman en informe le Président de la République par écrit au moins trois (3) mois avant l'expiration de ce mandat.
Iyo umwe mu bagize Biro y'Urwego avuye mu mirimo ye mbere y'uko manda irangira, umusimbuye atangira manda nshya.	When a member of the Bureau of the Office ceases to hold office before the expiry of his or her term of office, his or her replacement starts a new term of office.	Lorsqu'un membre du Bureau de l'Office cesse ses fonctions avant l'expiration de son mandat, son remplaçant commence un nouveau mandat.
Akiciro ka 2: Ubunyamabanga Buhoraho	**Subsection 2: Permanent Secretariat**	**Sous-section 2 : Secrétariat permanent**
Ingingo ya 15: Ubunyamabanga Buhoraho bw'Urwego	**Article 15: Permanent Secretariat of the Office**	**Article 15 : Secrétariat permanent de l'Office**
Ubunyamabanga Buhoraho bw'Urwego bugizwe n'Umunyamabanga Uhoraho n'abakozi b'Urwego.	The Permanent Secretariat of the Office consists of the Permanent Secretary and staff members of the Office.	Le Secrétariat permanent de l'Office est composé du Secrétaire permanent et des membres du personnel de l'Office.

Ingingo ya 16: Ishyirwaho ry'abagize Ubunyamabanga Buhoraho Umunyamabanga Uhoraho w'Urwego ashyirwaho n'Iteka rya Perezida. Abakozi b'Urwego bashakwa kandi bagacungwa hakurikijwe ibiteganywa na sitati rusange igenga abakozi ba Leta.	**Article 16: Appointment of members of the Permanent Secretariat** The Permanent Secretary of the Office is appointed by a Presidential Order. Staff members of the Office are recruited and managed in accordance with the provisions of the general statute governing public servants.	**Article 16 : Nomination des membres du Secrétariat permanent** Le Secrétaire permanent de l'Office est nommé par arrêté présidentiel. Les membres du personnel de l'Office sont recrutés et gérés conformément aux dispositions du statut général régissant les agents de l'État.
Icyiciro cya 2: Imikorere y'Urwego	**Section 2: Functioning of the Office**	**Section 2 : Fonctionnement de l'Office**
Akiciro ka mbere: Ishyirwa mu bikorwa ry'inshingano z'abagize Biro y'Urwego	**Subsection One: Performance of duties of members of the Bureau of the Office**	**Sous-section première : Exercice des fonctions des membres du Bureau de l'Office**
Ingingo ya 17: Inshingano za Biro y'Urwego Inshingano za Biro y'Urwego ni izi zikurikira: 1° gukurikirana ishyirwa mu bikorwa rya politiki n'ingamba byo gukumira no kurwanya akarengane na ruswa; 2° gukurikirana no guhuza ibikorwa by'imenyekanishamutungo;	**Article 17: Responsibilities of the Bureau of the Office** The responsibilities of the Bureau of the Office are as follows: 1° to monitor the implementation of policies and strategies for the prevention of and fight against injustice and corruption; 2° to monitor and coordinate asset declaration activities;	**Article 17 : Attributions du Bureau de l'Office** Les attributions du Bureau de l'Office sont les suivantes : 1° assurer le suivi de la mise en œuvre des politiques et des stratégies de prévention et de lutte contre l'injustice et la corruption ; 2° assurer le suivi et la coordination des activités de déclaration de patrimoine ;

3° kwemeza umushinga w'amategeko ngengamikorere y'Urwego;	3° to approve the draft internal rules and regulations of the Office;	3° approuver le projet de règlement d'ordre intérieur de l'Office;
4° kwemeza gahunda y'ibikorwa y'igihe kirekire na gahunda y'ibikorwa by'Urwego;	4° to approve the strategic plan and action plan of the Office;	4° approuver le plan stratégique et le plan d'action de l'Office;
5° kwemeza ishyirwaho ry'abakozi b'Urwego;	5° to approve the recruitment of staff members of the Office;	5° approuver le recrutement des membres du personnel de l'Office;
6° kwemeza imbanzirizamushinga y'ingengo y'imari y'Urwego ya buri mwaka no gukurikirana ishyirwa mu bikorwa ryayo;	6° to approve the annual draft budget proposal of the Office and monitor the execution of the budget;	6° approuver l'avant-projet de budget annuel de l'Office et assurer le suivi de l'exécution du budget;
7° kwemeza gahunda y'umwaka y'itangwa ry'amasoko;	7° to approve the annual procurement plan;	7° approuver le plan annuel de passation de marchés;
8° gusuzuma no kwemeza raporo z'Urwego mbere y'uko zohererezwa abo zigenewe;	8° to consider and approve the Office's reports prior to forwarding them to those for whom they are intended;	8° examiner et approuver les rapports de l'Office avant leur envoi aux personnes auxquelles ils sont destinés ;
9° gutanga inama ku kindi kibazo kiri mu nshingano z'Urwego yasabwa.	9° to provide advice on any other issue falling within the scope of the Office's responsibilities as may be required,	9° donner des conseils qui pourraient lui être demandés sur toute question relevant des attributions de l'Office.

<u>Ingingo ya 18</u>: Imikorere ya Biro y'Urwego Imikorere ya Biro y'Urwego igenwa n'amategeko ngengamikorere.	**<u>Article 18:</u> Functioning of the Bureau of the Office** The internal rules and regulations determine the functioning of the Bureau of the Office.	**<u>Article 18 :</u> Fonctionnement du Bureau de l'Office** Le règlement d'ordre intérieur détermine le fonctionnement du Bureau de l'Office.
<u>Ingingo ya 19</u>: Inshingano z'Umuvunyi Mukuru Inshingano z'Umuvunyi Mukuru ni izi zikurikira: 1° guhagararira Urwego no kurubera umuvugizi; 2° guhuza no kuyobora imirimo y'Urwego; 3° gutumiza no kuyobora inama za Biro y'Urwego; 4° gukurikirana no guhuza ibikorwa byo gukumira no kurwanya akarengane na ruswa; 5° gukurikirana ishyirwa mu bikorwa ry'inshingano, ibyemezo n'ibyifuzonama by'Urwego n'ibyifuzonama Urwego rwahawe n'izindi nzego;	**<u>Article 19</u>: Responsibilities of the Ombudsman** The Ombudsman has the following responsibilities: 1° to serve as the legal representative and spokesperson for the Office; 2° to coordinate and lead the activities of the Office; 3° to convene and chair the meetings of the Bureau of the Office; 4° to monitor and coordinate activities aimed at preventing and fighting injustice and corruption; 5° to monitor the execution of the responsibilities and decisions of the Office, the implementation of its recommendations and that of those made to the Office by other organs;	**<u>Article 19 :</u> Attributions de l'Ombudsman** L'Ombudsman a les attributions suivantes : 1° être le représentant légal et le porte-parole de l'Office; 2° coordonner et diriger les activités de l'Office ; 3° convoquer et diriger les réunions du Bureau de l'Office ; 4° assurer le suivi et la coordination des activités de prévention et de lutte contre l'injustice et la corruption ; 5° assurer le suivi de l'exécution des attributions et des décisions de l'Office, de la mise en œuvre de ses recommandations et de celles adressées à l'Office par d'autres organes ;

6° gutanga raporo z'Urwego mu nzego ziteganyijwe n'iri tegeko; 7° kumenyesha inzego cyangwa abantu bireba ibyemezo by'Urwego; 8° gukurikirana no guhuza ibikorwa by'imenyekanishamutungo.	6° to submit reports of the Office to the organs provided for by this Law; 7° to inform the organs or persons concerned of the decisions of the Office; 8° to monitor and coordinate asset declaration activities.	6° soumettre les rapports de l'Office aux organes prévus par la présente loi; 7° communiquer aux organes ou aux personnes concernés les décisions de l'Office; 8° assurer le suivi et la coordination des activités de déclaration de patrimoine.
<u>Ingingo ya 20</u>: Inshingano z'Umuvunyi Wungirije ushinzwe gukumira no kurwanya akarengane Umuvunyi Wungirije ushinzwe gukumira no kurwanya akarengane afite inshingano zikurikira: 1° kunganira Umuvunyi Mukuru; 2° guhugura abaturage, abakozi ba Leta n'ab'izindi nzego ku gukumira no kurwanya akarengane; 3° gushyiraho uburyo bwo gukumira no kurwanya akarengane;	**<u>Article 20:</u> Responsibilities of the Deputy Ombudsman in charge of Preventing and Fighting Injustice** The Deputy Ombudsman in charge of Preventing and Fighting Injustice has the following responsibilities: 1° to assist the Ombudsman; 2° to educate the population, public servants and employees of other organs on the prevention of and fight against injustice; 3° to set up mechanisms for the prevention of and fight against injustice;	**<u>Article 20 :</u> Attributions de l'Ombudsman adjoint chargé de la prévention et de la lutte contre l'injustice** L'Ombudsman adjoint chargé de la prévention et de la lutte contre l'injustice a les attributions suivantes : 1° assister l'Ombudsman ; 2° éduquer la population, les agents de l'État et ceux d'autres organes sur la prévention et la lutte contre l'injustice ; 3° mettre en place des mécanismes de prévention et de lutte contre l'injustice ;

4° gusuzuma ibibazo by'akarengane no kugaragaza igikwiye gukorwa; 5° gusimbura Umuvunyi Mukuru, igihe adahari; 6° gukora indi nshingano yahabwa na Biro y'Urwego. Amategeko ngengamikorere y'Urwego ateganya uko gusimbura Umuvunyi Mukuru bivugwa mu gace ka 5° k'igika cya mbere cy'iyi ngingo bikorwa. **<u>Ingingo ya 21</u>: Inshingano z'Umuvunyi Wungirije ushinzwe gukumira no kurwanya ruswa** Umuvunyi Wungirije ushinzwe gukumira no kurwanya ruswa afite inshingano zikurikira: 1° kunganira Umuvunyi Mukuru; 2° guhugura abaturage, abakozi ba Leta n'ab'izindi nzego ku gukumira no kurwanya ruswa;	4° to review complaints related to injustice and suggest appropriate action; 5° to replace the Ombudsman in case of his or her absence; 6° to perform any other duty as may be assigned by the Bureau of the Office. The internal rules and regulations of the Office determine modalities applicable to the replacement of the Ombudsman provided for under Item 5° of Paragraph One of this Article. **<u>Article 21</u>: Responsibilities of the Deputy Ombudsman in charge of Preventing and Fighting Corruption** The Deputy Ombudsman in charge of Preventing and Fighting Corruption has the following responsibilities: 1° to assist the Ombudsman; 2° to educate the population, public servants and employees of other organs on the prevention of and fight against corruption;	4° examiner les plaintes relatives à l'injustice et proposer des mesures appropriées; 5° remplacer l'Ombudsman en cas d'absence de ce dernier ; 6° accomplir toute autre tâche que le Bureau de l'Office pourrait lui confier. Le règlement d'ordre intérieur de l'Office détermine les modalités applicables au remplacement de l'Ombudsman visé au point 5° de l'alinéa premier du présent article. **<u>Article 21 :</u> Attributions de l'Ombudsman adjoint chargé de la prévention et de la lutte contre la corruption** L'Ombudsman adjoint chargé de la prévention et de la lutte contre la corruption a les attributions suivantes : 1° assister l'Ombudsman ; 2° éduquer la population, les agents de l'État et ceux d'autres organes sur la prévention et la lutte contre la corruption;

3° gushyiraho uburyo bwo gukumira no kurwanya ruswa; 4° gukurikirana amakuru ya ruswa no kugaragaza igikwiye gukorwa; 5° gusimbura Umuvunyi Mukuru, igihe adahari; 6° gukora indi nshingano yahabwa na Biro y'Urwego. Amategeko ngengamikorere y'Urwego ateganya uko gusimbura Umuvunyi Mukuru bivugwa mu gace ka 5° k'igika cya mbere cy'iyi ngingo bikorwa. **<u>Akiciro ka 2</u>: Imikorere y'Ubunyamabanga Buhoraho** **<u>Ingingo ya 22</u>: Inshingano z'Umunyamabanga Uhoraho w'Urwego** Inshingano z'Umunyamabanga Uhoraho w'Urwego ni izi zikurikira: 1° Guhuza no kuyobora imirimo yo mu rwego rwa tekiniki;	3° to set up mechanisms for the prevention of and fight against corruption; 4° to follow up on reports of corruption and suggest appropriate action; 5° to replace the Ombudsman in case of his or her absence; 6° to perform any other duty as may be assigned by the Bureau of the Office. The internal rules and regulations of the Office determine modalities applicable to the replacement of the Ombudsman provided for under Item 5° of Paragraph One of this Article. **<u>Subsection 2:</u> Functioning of the Permanent Secretariat** **<u>Article 22:</u> Responsibilities of the Permanent Secretary of the Office** The Responsibilities of the Permanent Secretary of the Office are as follows: 1° to coordinate and lead activities of a technical nature;	3° mettre en place des mécanismes de prévention et de lutte contre la corruption; 4° faire le suivi des allégations de corruption et proposer des mesures appropriées; 5° remplacer l'Ombudsman en cas d'absence de ce dernier ; 6° accomplir toute autre tâche que le Bureau de l'Office pourrait lui confier. Le règlement d'ordre intérieur de l'Office détermine les modalités applicables au remplacement de l'Ombudsman visé au point 5° de l'alinéa premier du présent article. **<u>Sous-section 2 :</u> Fonctionnement du Secrétariat permanent** **<u>Article 22 :</u> Attributions du Secrétaire permanent de l'Office** Les attributions du Secrétaire permanent de l'Office sont les suivantes : 1° coordonner et diriger les activités d'ordre technique ;

2° kuba umuyobozi mukuru ushinzwe gucunga imari ya Leta mu Rwego;	2° to serve as the Chief Budget Manager of the Office;	2° servir de gestionnaire principal du budget de l'Office ;
3° gutegura gahunda y'ibikorwa y'igihe kirekire, gahunda y'ibikorwa n'imbanzirizamushinga y'ingengo y'imari by'Urwego;	3° to develop the strategic plan, the action plan and the draft budget proposal of the Office;	3° élaborer le plan stratégique, le plan d'action et l'avant-projet de budget de l'Office ;
4° gukurikirana ishyirwamubikorwa rya gahunda y'ibikorwa;	4° to monitor the implementation of the action plan;	4° assurer le suivi de la mise en œuvre du plan d'action ;
5° gucunga abakozi, imari n'umutungo by'Urwego;	5° to manage staff members, finances and property of the Office;	5° gérer les membres du personnel, les finances et le patrimoine de l'Office ;
6° gutegura inyandiko zisuzumwa mu nama za Biro y'Urwego;	6° to prepare documents to be considered at the meetings of the Bureau of the Office;	6° préparer les documents devant être examinés lors des réunions du Bureau de l'Office ;
7° kuba umwanditsi w'inama za Biro y'Urwego no gushyira mu bikorwa ibyemezo byayo;	7° to serve as rapporteur for the meetings of the Bureau of the Office and implement its decisions;	7° faire fonction de rapporteur des réunions du Bureau de l'Office et mettre en œuvre ses décisions ;
8° gutegura raporo z'ibikorwa by'Urwego;	8° to prepare activity reports of the Office;	8° élaborer les rapports d'activités de l'Office ;
9° gutegura umushinga w'amategeko ngengamikorere y'Urwego;	9° to prepare the draft internal rules and regulations of the Office;	9° préparer le projet de règlement d'ordre intérieur de l'Office ;
10° gukora undi murimo wose ujyanye n'inshingano z'Urwego yahabwa na Biro y'Urwego.	10° to perform any other duty falling within the scope of the Office's	10° accomplir toute autre tâche relevant des attributions de l'Office pouvant lui être assignée par le Bureau de l'Office.

	responsibilities as may be assigned by the Bureau of the Office.	
Ingingo 23: Imbonerahamwe y'imyanya y'imirimo y'Urwego	**Article 23: Organisational structure of the Office**	**Article 23 : Cadre organique de l'Office**
Iteka rya Minisitiri w'Intebe rigena imbonerahamwe y'imyanya y'imirimo y'Urwego.	An Order of the Prime Minister establishes the organisational structure of the Office.	Un arrêté du Premier Ministre porte cadre organique de l'Office.
Ingingo ya 24: Imishahara n'ibindi bigenerwa abagize Ubunyamabanga Buhoraho bw'Urwego	**Article 24: Salaries and fringe benefits allocated to members of the Permanent Secretariat of the Office**	**Article 24 : Salaires et avantages alloués aux membres du Secrétariat permanent de l'Office**
Inama y'Abaminisitiri yemeza imishahara n'ibindi bigenerwa abagize Ubunyamabanga Buhoraho bw'Urwego.	The Cabinet approves salaries and fringe benefits allocated to members of the Permanent Secretariat of the Office.	Le Conseil des Ministres approuve les salaires et les avantages alloués aux membres du Secrétariat permanent de l'Office.
Akiciro ka 3: Imikoranire n'izindi nzego	**Subsection 3: Collaboration with other organs**	**Sous-section 3 : Collaboration avec d'autres organes**
Ingingo ya 25: Imikoranire y'Urwego n'izindi nzego	**Article 25: Collaboration between the Office and other organs**	**Article 25 : Collaboration entre l'Office et d'autres organes**
Mu irangiza ry'inshingano zarwo, Urwego rukorana kandi rukuzuzanya n'izindi nzego rutivanze mu mikorere yazo.	In performing its responsibilities, the Office collaborates and works in complementarity with other organs without interfering with their functioning.	Dans l'accomplissement de ses attributions, l'Office collabore et travaille en complémentarité avec d'autres organes sans s'immiscer dans leur fonctionnement.

Iyo Urwego rumaze gusuzuma ikibazo cy'akarengane rukorera raporo ubuyobozi burebwa n'icyo kibazo kugira ngo bugikemure.	When the Office completes its consideration of a complaint related to injustice, it reports thereon to the authority concerned by the complaint for its resolution.	Lorsque l'Office achève l'examen d'une plainte liée à l'injustice, il en fait rapport à l'autorité concernée par ladite plainte pour sa résolution.
Uburyo bwo kwakira ikibazo, kugisuzuma, kugishyikiriza ubuyobozi bireba no gukurikirana uko cyakemutse biteganywa n'amategeko ngengamikorere.	Procedures for receiving and reviewing a complaint as well as for referring it to the authority concerned and monitoring its resolution are provided for under the internal rules and regulations.	Les modalités de réception d'une plainte, de son examen, de son renvoi à l'autorité concernée et de suivi de sa résolution sont prévues par le règlement d'ordre intérieur.
Ingingo ya 26: Raporo na gahunda y'ibikorwa n'abo bishyikirizwa	**Article 26: Reports and action plan and persons to whom they are submitted**	**Article 26 : Rapports et plan d'action et personnes auxquelles ils sont soumis**
Mu mezi atatu (3) ya mbere ya buri mwaka w'ingengo y'imari, Umuvunyi Mukuru ashyikiriza Perezida wa Repubulika n'Imitwe Yombi y'Inteko Ishinga Amategeko raporo y'ibikorwa by'Urwego by'umwaka w'ingengo y'imari uheruka na gahunda y'ibikorwa by'umwaka w'ingengo y'imari ukurikira. Kopi y'iyo raporo na gahunda y'ibikorwa ihabwa Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga na Minisitiri w'Intebe. Ishobora kandi guhabwa izindi nzego Urwego rwasanga ari ngombwa.	Within the first three (3) months of every fiscal year, the Ombudsman submits to the President of the Republic and both Chambers of Parliament the activity report of the Office for the previous fiscal year and the action plan for the following fiscal year. A copy of the report and that of the action plan are submitted to the President of the Supreme Court and the Prime Minister. They may also be submitted to such other organs as may be considered necessary by the Office.	Au cours des trois (3) premiers mois de chaque exercice budgétaire, l'Ombudsman soumet au Président de la République et aux deux Chambres du Parlement le rapport d'activités de l'Office pour l'exercice budgétaire précédent et le plan d'action pour l'exercice budgétaire suivant. Une copie de ce rapport et celle de ce plan d'action sont transmises au Président de la Cour suprême et au Premier Ministre. Elles peuvent également être soumises à d'autres organes que l'Office peut juger nécessaires.
Raporo na gahunda y'ibikorwa bivugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo bigezwa ku Nteko Ishinga Amategeko, Imitwe Yombi iteranye.	The report and the action plan referred to in Paragraph One of this Article are presented to both Chambers of Parliament in a joint sitting.	Le rapport et le plan d'action visés à l'alinéa premier du présent article sont présentés au Parlement, les deux Chambres réunies.

Urwego rushobora gukora raporo ku kibazo cyihariye igahabwa inzego bireba.	The Office may make a report on a specific issue and submit it to relevant organs.	L'Office peut faire un rapport sur une question spécifique et le soumettre aux organes concernés.
UMUTWE WA IV: INAMA NGISHWANAMA YO KURWANYA AKARENGANE NA RUSWA	**CHAPTER IV: ADVISORY COUNCIL FOR THE FIGHT AGAINST INJUSTICE AND CORRUPTION**	**CHAPITRE IV : CONSEIL CONSULTATIF DE LUTTE CONTRE L'INJUSTICE ET LA CORRUPTION**
Ingingo ya 27: Ishyirwaho, inshingano, imitunganyirize n'imikorere by'Inama Ngishwanama yo kurwanya akarengane na ruswa	**Article 27: Establishment, responsibilities, organisation and functioning of the Advisory Council for the Fight Against Injustice and Corruption**	**Article 27 : Création, attributions, organisation et fonctionnement du Conseil consultatif de lutte contre l'injustice et la corruption**
Hashyizweho Inama Ngishwanama yo kurwanya akarengane na ruswa.	There is hereby established an Advisory Council for the Fight Against Injustice and Corruption.	Il est créé un Conseil consultatif de lutte contre l'injustice et la corruption.
Iteka rya Perezida rigena abagize Inama Ngishwanama yo kurwanya akarengane na ruswa, inshingano, imitunganyirize n'imikorere byayo.	A Presidential Order determines the composition, responsibilities, organisation and functioning of the Advisory Council for the Fight Against Injustice and Corruption.	Un arrêté présidentiel porte composition, attributions, organisation et fonctionnement du Conseil consultatif de lutte contre l'injustice et la corruption.
UMUTWE WA V: UMUTUNGO N'IMARI BY'URWEGO	**CHAPTER V: PROPERTY AND FINANCES OF THE OFFICE**	**CHAPITRE V : PATRIMOINE ET FINANCES DE L'OFFICE**
Ingingo ya 28: Umutungo n'inkomoko yawo	**Article 28: Property and its sources**	**Article 28 : Patrimoine et ses sources**
Umutungo w'Urwego ugizwe n'ibintu byimukanwa n'ibitimukanwa.	The property of the Office consists of movable and immovable assets.	Le patrimoine de l'Office est composé de biens meubles et immeubles.

Umutungo w'Urwego ukomoka kuri ibi bikurikira: 1° ingengo y'imari rugenerwa na Leta; 2° inkunga ya Leta cyangwa iy'abafatanyabikorwa; 3° impano n'indagano.	The property of the Office derives from the following sources: 1º State budget allocations; 2º State or partners' subsidies; 3º donations and bequests.	Le patrimoine de l'Office provient des sources suivantes : 1º dotations budgétaires de l'État; 2º subventions de l'État ou des partenaires; 3º dons et legs.
<u>Ingingo ya 29</u>: Imicungire, imikoreshereze n'igenzura by'umutungo Imicungire, imikoreshereze, n'igenzura by'umutungo w'Urwego bikorwa hakurikijwe amategeko abigenga. Ubugenzuzi bushinzwe igenzura rya buri munsi ry'imikoreshereze y'umutungo w'Urwego buha raporo ya buri gihembwe Biro y'Urwego.	**<u>Article 29:</u> Management, use and audit of property** The management, use and audit of the property of the Office are carried out in accordance with relevant Laws. The Office's internal audit service submits a quarterly report to the Bureau of the Office.	**<u>Article 29 :</u> Gestion, utilisation et audit du patrimoine** La gestion, l'utilisation et l'audit du patrimoine de l'Office sont effectués conformément aux lois en la matière. Le service d'audit interne de l'Office transmet un rapport trimestriel au Bureau de l'Office.
<u>Ingingo ya 30:</u> Ingengo y'imari y'Urwego Ingengo y'imari y'Urwego yemezwa kandi igacungwa hakurikijwe amategeko abigenga.	**<u>Article 30:</u> Budget of the Office** The budget of the Office is approved and managed in accordance with relevant Laws.	**<u>Article 30:</u> Budget de l'Office** Le budget de l'Office est adopté et géré conformément aux lois en la matière.

UMUTWE WA VI: INGINGO ZINYURANYE, IZ'INZIBACYUHO N'IZISOZA	**CHAPTER VI: MISCELLANEOUS, TRANSITIONAL AND FINAL PROVISIONS**	**CHAPITRE VI : DISPOSITIONS DIVERSES, TRANSITOIRES ET FINALES**
Ingingo ya 31: Gukurikirana Umuvunyi Mukuru cyangwa Umuvunyi Wungirije	**Article 31: Prosecution of the Ombudsman or the Deputy Ombudsman**	**Article 31 : Poursuite contre l'Ombudsman ou l'Ombudsman adjoint**
Umuvunyi Mukuru cyangwa Umuvunyi Wungirije ntashobora gukurikiranwa cyangwa kuregwa mu nkiko kubera ibyo yakoze ashyira mu bikorwa inshingano ze mu buryo bukurikije amategeko.	The Ombudsman or the Deputy Ombudsman cannot be prosecuted or brought before courts for his or her acts lawfully performed in the discharge of his or her duties.	L'Ombudsman ou l'Ombudsman adjoint ne peut être poursuivi ou traduit en justice pour ses actes légalement accomplis dans l'exercice de ses fonctions.
Umuvunyi Mukuru cyangwa Umuvunyi Wungirije ntashobora gufungwa by'agateganyo, keretse iyo afatiwe mu cyuho akora icyaha cy'ubugome cyangwa icyaha gikomeye.	The Ombudsman or the Deputy Ombudsman cannot be subject to provisional detention unless he or she is caught red-handed committing a felony or misdemeanour.	L'Ombudsman ou l'Ombudsman adjoint ne peut faire l'objet d'une détention provisoire à moins qu'il ne soit pris en flagrant délit de commission d'un crime ou d'un délit.
Ingingo ya 32: Amategeko ngengamikorere y'Urwego	**Article 32: Internal rules and regulations of the Office**	**Article 32 : Règlement d'ordre intérieur de l'Office**
Iteka rya Perezida rishyiraho amategeko ngengamikorere y'Urwego.	A Presidential Order establishes the internal rules and regulations of the Office.	Un arrêté présidentiel porte règlement d'ordre intérieur de l'Office.
Ingingo ya 33: Manda y'Umuvunyi Mukuru n'iy'Umuvunyi Wungirije bari mu mirimo	**Article 33: Term of office of the incumbent Ombudsman and Deputy Ombudsman**	**Article 33 : Mandat de l'Ombudsman et de l'Ombudsman adjoint en fonction**
Manda y'Umuvunyi Mukuru n'iy'Umuvunyi Wungirije bari mu mirimo	The term of office of the Ombudsman and the Deputy Ombudsman holding office as of	Le mandat de l'Ombudsman et de l'Ombudsman adjoint qui sont en fonction au

ku munsi iri tegeko ritangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda ni imyaka itanu (5) ibarwa uhereye ku munsi buri wese yashyiriwe mu mwanya cyangwa uhereye ku munsi manda ya buri wese yongerewe.	the date of publication of this Law in the Official Gazette of the Republic of Rwanda is five (5) years running from the date of their respective appointments or from the date of renewal of their respective terms of office.	jour de la publication de la présente loi au Journal Officiel de la République du Rwanda est de cinq (5) ans commençant à courir à compter du jour de leurs nominations respectives ou de la date de renouvellement de leurs mandats respectifs.
Ingingo ya 34: Amateka ateganywa n'iri tegeko	**Article 34: Orders provided for under this Law**	**Article 34 : Arrêtés prévus par la présente loi**
Amateka yateganywaga n'Itegeko n° 76/2013 ryo ku wa 11/9/2013 rigena inshingano, ububasha, imiterere n'imikorere by'Urwego rw'Umuvunyi kandi akaba anateganywa n'iri tegeko akomeza gukurikizwa mu ngingo zayo zitanyuranyije mu ireme n'iri tegeko mu gihe kitarenze amezi abiri (2) uhereye igihe iri tegeko ritangarijwe mu igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda.	Orders which were provided for by Law n° 76/2013 of 11/9/2013 determining the mission, powers, organization and functioning of the Office of the Ombudsman and which are also provided for by this Law remain in force in their provisions which are not inconsistent in terms of their substance with this Law for a period not exceeding two (2) months from the publication of this Law in the Official Gazette of the Republic of Rwanda.	Les arrêtés qui étaient prévus par la Loi n° 76/2013 du 11/9/2013 déterminant les missions, compétence, organisation et fonctionnement de l'Office de l'Ombudsman et qui sont également prévus par la présente loi restent en vigueur dans leurs dispositions qui ne sont pas, quant à leur fond, contraires à la présente loi, et ce, pour une période n'excédant pas deux (2) mois à compter de la publication de la présente loi au Journal Officiel de la République du Rwanda.
Ingingo ya 35: Ibyakorwaga n'Urwego bitararangira bikaba bitakiri mu nshingano zarwo	**Article 35: Pending actions started by the Office which no longer fall within the scope of the Office's responsibilities**	**Article 35 : Actions pendantes engagées par l'Office ne relevant plus de ses attributions**
Ibikorwa Urwego rwakoraga hashingiwe ku byateganywaga n'itegeko nº 76/2013 ryo ku wa 11/9/2013 rigena inshingano, ububasha, imiterere n'imikorere by'Urwego rw'Umuvunyi byari bitararangira ku munsi	Actions started by the Office in accordance with the provisions of Law nº 76/2013 of 11/9/2013 determining the mission, powers, organization and functioning of the Office of the Ombudsman that remain pending as of	Les actions engagées par l'Office conformément aux dispositions de la Loi n° 76/2013 du 11/09/2013 portant les missions, compétence, organisation et fonctionnement de l'Office de l'Ombudsman qui restent pendantes

iri tegeko ritangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'U Rwanda kandi bikaba bitakiri mu nshingano z'Urwego hashingiwe ku biteganywa n'iri tegeko, bishyikirizwa inzego zibifite mu nshingano.	the date of publication of this Law in the Official Gazette of the Republic of Rwanda and no longer fall within the scope of the Office's responsibilities in accordance with the provisions of this Law are handed over to the organs under the responsibility of which they fall.	au jour de la publication de la présente loi au Journal Officiel de la République du Rwanda et ne relevant plus des attributions de l'Office conformément aux dispositions de la présente loi sont remises entre les mains des organes qui en ont la charge dans leurs attributions.
Ingingo ya 36: Itegurwa, isuzumwa n'itorwa by'iri tegeko	**Article 36: Drafting, consideration and adoption of this Law**	**Article 36 : Initiation, examen et adoption de la présente loi**
Iri tegeko ryateguwe, risuzumwa kandi ritorwa mu rurimi rw'Ikinyarwanda.	This Law was drafted, considered and adopted in Ikinyarwanda.	La présente loi a été initiée, examinée et adoptée en Ikinyarwanda.
Ingingo ya 37: Ivanwaho ry'itegeko n'ingingo z'amategeko binyuranyije n'iri tegeko	**Article 37: Repealing provision**	**Article 37 : Disposition abrogatoire**
Itegeko n° 76/2013 ryo ku wa 11/9/2013 rigena inshingano, ububasha, imiterere n'imikorere by'Urwego rw'Umuvunyi n'ingingo zose z'amategeko abanziriza iri kandi zinyuranyije na ryo bivanyweho.	Law nº 76/2013 of 11/9/2013 determining the mission, powers, organization and functioning of the Office of the Ombudsman and all prior legal provisions contrary to this Law are repealed.	La Loi n° 76/2013 du 11/09/2013 déterminant les missions, compétence, organisation et fonctionnement de l'Office de l'Ombudsman ainsi que toutes les dispositions légales antérieures contraires à la présente loi sont abrogées.
Ingingo ya 38: Igihe iri tegeko ritangira gukurikizwa	**Article 38: Commencement**	**Article 38 : Entrée en vigueur**
Iri tegeko ritangira gukurikizwa ku munsi ritangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda.	This Law comes into force on the date of its publication in the Official Gazette of the Republic of Rwanda.	La présente loi entre en vigueur le jour de sa publication au Journal Officiel de la République du Rwanda.

Kigali, 29/08/2021 **(sé)** **KAGAME Paul** Perezida wa Repubulika President of the Republic Président de la République
(sé) **Dr NGIRENTE Edouard** Minisitiri w'Intebe Prime Minister Premier Ministre
Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya Repubulika: **Seen and sealed with the Seal of the Republic:** **Vu et scellé du Sceau de la République :** **(sé)** **BUSINGYE Johnston** Minisitiri w'Ubutabera akaba n'Intumwa Nkuru ya Leta Minister of Justice and Attorney General Ministre de la Justice et Garde des Sceaux

ITEGEKO N° 55/2021 RYO KU WA 29/08/2021 RIGENGA IMENYEKANISHAMUTUNGO	**LAW N° 55/2021 OF 29/08/2021 ON DECLARATION OF ASSETS**	**LOI N° 55/2021 DU 29/08/2021 PORTANT DÉCLARATION DES BIENS**
ISHAKIRO	**TABLE OF CONTENTS**	**TABLE DES MATIÈRES**
UMUTWE WA MBERE: INGINGO RUSANGE **Ingingo ya mbere: Icyo iri tegeko rigamije** **Ingingo ya 2: Ibisobanuro by'amagambo** **Ingingo ya 3: Abakora imenyekanishamutungo** **Ingingo ya 4: Imenyesha ry'abakora imenyekanishamutungo** **UMUTWE WA II: UBURYO BWO GUTANGA, KWAKIRA NO KUGENZURA IMENYEKANISHAMUTUNGO** **Ingingo ya 5: Imitungo imenyekanishwa** **Ingingo ya 6: Ibikubiye mu imenyekanishamutungo**	**CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS** **Article One: Purpose of this Law** **Article 2: Definitions** **Article 3: Subjects to declaration of assets** **Article 4: Notification of subjects to declaration of assets** **CHAPTER II: PROCEDURE FOR SUBMITTING, RECEIVING AND VERIFYING DECLARATION OF ASSETS** **Article 5: Assets subject to declaration** **Article 6: Content of a declaration of assets**	**CHAPITRE PREMIER: DISPOSITIONS GÉNÉRALES** **Article premier: Objet de la présente loi** **Article 2: Définitions** **Article 3: Sujets à la déclaration des biens** **Article 4: Notification des sujets à la déclaration des biens** **CHAPITRE II: PROCÉDURE DE LA SOUMISSION, DE LA RÉCEPTION ET DE LA VÉRIFICATION DES DÉCLARATIONS DES BIENS** **Article 5: Biens soumis à la déclaration** **Article 6: Contenu d'une déclaration des biens**

Ingingo ya 7: Itangwa n'iyakirwa ry'imenyekanishamutungo	**Article 7: Submission and receipt of a declaration of assets**	**Article 7: Soumission et réception d'une déclaration des biens**
Ingingo ya 8: Igihe ntarengwa cyo gutanga imenyekanishamutungo	**Article 8: Deadline for submitting a declaration of assets**	**Article 8: Délai limite de soumettre une déclaration des biens**
Ingingo ya 9: Urwego rwakira imenyekanishamutungo	**Article 9: Organ which receives declaration of assets**	**Article 9: Organe qui reçoit la déclaration des biens**
Ingingo ya 10: Gusubiramo imenyekanishamutungo	**Article 10: Re-declaration of assets**	**Article 10: Refaire une déclaration des biens**
Ingingo ya 11: Kudatanga imenyekanishamutungo	**Article 11: Failure to submit a declaration of assets**	**Article 11: Défaut de soumettre une déclaration des biens**
Ingingo ya 12: Ibikwa ry'inyandiko z'imenyekanishamutungo	**Article 12: Filing of a declaration of assets**	**Article 12: Classement d'une déclaration des biens**
Ingingo ya 13: Kugenzura imenyekanishamutungo	**Article 13: Verification of a declaration of assets**	**Article 13: Vérification d'une déclaration des biens**
Ingingo ya 14: Gushyikiriza ikibazo urwego rufite ubugenzacyaha mu nshingano	**Article 14: Reporting a case to the organ in charge of criminal investigation**	**Article 14: Soumettre un cas à l'organe ayant l'investigation dans ses attributions**
UMUTWE WA III: AMAKOSA N'IBIHANO BYO MU RWEGO RW'UBUTEGETSI	**CHAPTER III: ADMINISTRATIVE FAULTS AND SANCTIONS**	**CHAPITRE III: FAUTES ET SANCTIONS ADMINISTRATIVES**

Ingingo ya 15: Gutanga imenyekanishamutungo rituzuye cyangwa ritari ryo bikozwe n'umuntu	**Article 15: Submission of partial or false declaration of assets by a person**	**Article 15: Soumission d'une déclaration des biens incomplète ou fausse par une personne**
Ingingo ya 16: Gutanga imenyekanishamutungo rituzuye cyangwa ritari ryo bikozwe n'umutwe wa politiki	**Article 16: Submission of partial or false declaration of assets by a political organisation**	**Article 16: Soumission d'une déclaration des biens incomplète ou fausse par une formation politique**
Ingingo ya 17: Kudatanga imenyekanishamutungo bikozwe n'umuntu	**Article 17: Failure to submit a declaration of assets by a person**	**Article 17: Défaut de soumettre une déclaration des biens par une personne**
Ingingo ya 18: Kudatanga imenyekanishamutungo bikozwe n'umutwe wa politiki	**Article 18: Failure to submit a declaration of assets by a political organisation**	**Article 18: Défaut de soumettre une déclaration des biens par une formation politique**
UMUTWE WA IV: INGINGO ZISOZA	**CHAPTER IV: FINAL PROVISIONS**	**CHAPITRE IV: DISPOSITIONS FINALES**
Ingingo ya 19: Itegurwa, isuzumwa n'itorwa by'iri tegeko	**Article 19: Drafting, consideration and adoption of this Law**	**Article 19: Initiation, examen et adoption de la présente loi**
Ingingo ya 20: Ivanwaho ry'ingingo z'amategeko zinyuranyije n'iri tegeko	**Article 20: Repealing provision**	**Article 20: Disposition abrogatoire**
Ingingo ya 21: Igihe iri tegeko ritangira gukurikizwa	**Article 21: Commencement**	**Article 21: Entrée en vigueur**

ITEGEKO N° 55/2021 RYO KU WA 29/08/2021 RIGENGA IMENYEKANISHAMUTUNGO	**LAW N° 55/2021 OF 29/08/2021 ON DECLARATION OF ASSETS**	**LOI N° 55/2021 DU 29/08/2021 PORTANT DÉCLARATION DES BIENS**
Twebwe, KAGAME Paul, Perezida wa Repubulika;	**We, KAGAME Paul,** President of the Republic;	**Nous, KAGAME Paul,** Président de la République;
INTEKO ISHINGA AMATEGEKO YEMEJE NONE NATWE DUHAMIJE, DUTANGAJE ITEGEKO RITEYE RITYA KANDI DUTEGETSE KO RITANGAZWA MU IGAZETI YA LETA YA REPUBULIKA Y'U RWANDA	**THE PARLIAMENT HAS ADOPTED, AND WE SANCTION, PROMULGATE THE FOLLOWING LAW, AND ORDER IT BE PUBLISHED IN THE OFFICIAL GAZETTE OF THE REPUBLIC OF RWANDA**	**LE PARLEMENT A ADOPTÉ ET NOUS SANCTIONNONS, PROMULGUONS LA LOI DONT LA TENEUR SUIT ET ORDONNONS QU'ELLE SOIT PUBLIÉE AU JOURNAL OFFICIEL DE LA RÉPUBLIQUE DU RWANDA**
INTEKO ISHINGA AMATEGEKO:	**THE PARLIAMENT:**	**LE PARLEMENT :**
Umutwe w'Abadepite, mu nama yawo yo ku wa 28 Nyakanga 2021;	The Chamber of Deputies, in its sitting of 28 July 2021;	La Chambre des Députés, en sa séance du 28 juillet 2021 ;
Ishingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo mu 2003 ryavuguruwe mu 2015, cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 64, iya 69, iya 70, iya 88, iya 90, iya 91, iya 106, iya 120, iya 122 n'iya 176;	Pursuant to the Constitution of the Republic of Rwanda of 2003 revised in 2015, especially in Articles 64, 69, 70, 88, 90, 91, 106, 120, 122 and 176;	Vu la Constitution de la République du Rwanda de 2003 révisée en 2015, spécialement en ses articles 64, 69, 70, 88, 90, 91, 106, 120,122 et 176 ;
YEMEJE:	**ADOPTS:**	**ADOPTE :**

UMUTWE WA MBERE: INGINGO RUSANGE	**CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS**	**CHAPITRE PREMIER: DISPOSITIONS GÉNÉRALES**
Ingingo ya mbere: Icyo iri tegeko rigamije	**Article One: Purpose of this Law**	**Article premier: Objet de la présente loi**
Iri tegeko rigenga imenyekanishamutungo.	This Law governs declaration of assets.	La présente loi régit la déclaration des biens.
Ingingo ya 2: Ibisobanuro by'amagambo	**Article 2: Definitions**	**Article 2: Définitions**
Muri iri tegeko, amagambo akurikira afite ibisobanuro bikurikira:	In this Law, the following terms have the following meanings:	Dans la présente loi, les termes repris ci- après ont les significations suivantes:
1º **abagenzacyaha:** abagenzacyaha b'umwuga n'abagenzacyaha batari ab'umwuga;	1º **investigators:** career investigators and non-career investigators;	1º **enquêteurs:** des enquêteurs professionnels et des enquêteurs non professionnels;
2º **abakozi b'Urwego rw'Umuvunyi:** Umuvunyi Mukuru, Abavunyi Bungirije, Umunyamabanga Uhoraho, abakozi bafite aho bahurira n'imari n'umutungo, abakozi bafite mu nshingano gukumira no kurwanya ruswa, kumenyekanisha umutungo, gukumira no kurwanya akarengane no kugenzura imyitwarire y'abayobozi;	2º **employees of the Office of the Ombudsman:** Ombudsman, Deputy Ombudsman, Permanent Secretary, employees whose duties are connected with finance and property, employees in charge of the prevention and fight against corruption, declaration of assets, the prevention and fight against injustice and monitoring the leaders code of conduct;	2º **employés de l'Office de l'Ombudsman:** l'Ombudsman, l'Ombudsman Adjoint, le Secrétaire Permanent, les employés dont les attributions sont liées aux finances et patrimoine, les employés ayant la prévention et la lutte contre la corruption, la déclaration des biens, la prévention et la lutte contre l'injustice et le suivi de la conduite des autorités dans leurs attributions;

3º **abakozi bafite aho bahurira n'imari n'umutungo bya Leta mu mirimo yabo:** abakozi ba Leta bakira, bacunga cyangwa bagenzura imari n'umutungo, abakozi ba Leta bagize akanama gashinzwe gutanga amasoko, abakozi ba Leta bashinzwe imisoro, amahoro cyangwa imicungire y'ubutaka n'abakozi ba Leta bashinzwe imyubakire mu rwego rw'Umujyi wa Kigali no mu zindi nzego z'imitegekere y'Igihugu zegerejwe abaturage;	3º **officials involved in public finance and State property in their duties:** public servants who receive, manage or audit finance and property, public servants who are members of tender committee, public servants in charge of taxes, revenues or land management as well as public servants in charge of construction services in the City of Kigali and in other decentralised entities;	3º **agents impliqués dans les finances publiques et le patrimoine de l'État dans leurs fonctions:** les agents de l'État qui reçoivent, gèrent ou auditent les finances et le patrimoine, les agents de l'État qui sont membres du comité de passation des marchés, les agents de l'État chargés des taxes, des impôts ou de la gestion foncière ainsi que les agents de l'État chargés des services de construction au niveau de la Ville de Kigali et dans les autres entités décentralisées;
4º **abayobozi b'ikirenga:** Perezida wa Repubulika, Perezida wa Sena, Perezida w'Umutwe w'Abadepite, Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga na Minisitiri w'Intebe;	4º **high ranking leaders:** the President of the Republic, the President of the Senate, the Speaker of the Chamber of Deputies, the President of the Supreme Court and the Prime Minister;	4º **hautes autorités:** le Président de la République, le Président du Sénat, le Président de la Chambre des Députés, le Président de la Cour Suprême et le Premier Ministre;
5º **abayobozi bakuru:** abaminisitiri, abanyamabanga ba Leta, abagize Inteko Ishinga Amategeko, abacamanza mu Rukiko rw'Ikirenga, abayobozi bashyirwaho n'Iteka rya Perezida, abakozi bakuru n'abakozi bashyirwaho n'Iteka rya Minisitiri w'Intebe;	5º **senior officials:** ministers, ministers of State, members of Parliament, judges of the Supreme Court, officials appointed by the Presidential Order and senior civil servants and civil servants appointed by the Prime Minister's Order;	5º **autorité de rang supérieur:** les ministres, les secrétaires d'État, les membres du Parlement, les juges de la Cour Suprême, les autorités nommées par un arrêté présidentiel, les hauts fonctionnaires et les hauts cadres nommés par un arrêté du Premier Ministre;

6º **ibitabo by'umutungo:** ibitabo by'ibaruramari by'imitwe ya politiki;	6º **books of accounts:** financial statements of political organisations;	6º **livres comptables:** les rapports financiers des formations politiques;
7º **imenyekanishamutungo:** kugaragaza umutungo mu buryo buteganywa muri iri tegeko;	7º **declaration of assets:** declaration of assets as provided for in this Law;	7º **déclaration des biens:** la déclaration des biens telle que prévue par la présente loi;
8º **Minisitiri:** Minisitiri ufite imenyekanishamutungo mu nshingano;	8º **Minister:** the Minister in charge of declaration of assets;	8º **Ministre:** le Ministre ayant la déclaration des biens dans ses attributions;
9º **umutungo:** amafaranga, imigabane, imyenda, umutungo ufatika, udafatika, uwimukanwa n'utimukanwa n'ikindi kintu kimukanwa cyangwa kitimukanwa gifite agaciro;	9º **assets:** money, shares, liabilities, tangible, intangible, movable and immovable property and other valuable movable or immovable item;	9º **biens:** l'argent, les actions, les dettes, des biens tangibles, intangibles, meubles et immeubles et autre bien meuble ou immeuble de valeur;
10º **umutwe wa politiki:** umutwe wa politiki wemewe mu Rwanda;	10º **political organisation:** a political organisation recognised in Rwanda;	10º **formation politique:** une formation politique reconnue au Rwanda;
11º **umuyobozi:** umukozi wa Leta ukorera mu rwego rw'ubutegetsi Nshingamategeko, urw'ubutegetsi Nyubahirizategeko, urw'ubutegetsi bw'Ubucamanza, ukorera mu nzego zizishamikiyeho, ukorera mu nzego Leta ifitemo imigabane cyangwa amasezerano, ushinzwe ku rwego rw'umurimo kuyobora abandi bakozi cyangwa gufata ibyemezo bigira	11º **authority:** a public servant acting in any office of the Legislative, the Executive, the Judiciary, other related institutions, in institutions in which the Government holds shares or public Government-subsidised, who is in charge of managing other employees or taking decisions having an impact at national level, decentralised entity,	11º **autorité:** un agent de l'État œuvrant au sein du pouvoir législatif, du pouvoir exécutif ou du pouvoir judiciaire, dans les autres institutions y rattachées, dans les institutions dont l'État est actionnaire ou subventionnées, chargé de diriger les autres employés ou de prendre des décisions affectant l'État, l'entité administrative décentralisée, le

ingaruka ku rwego rw'Igihugu, urw'imitegekere y'Igihugu rwegerejwe abaturage, urwa serivisi, urw'ikigo cyangwa urw'imirimo ashinzwe.	department, institution or duties he or she is in charge of.	service, l'institution ou les fonctions lui assignées.
<u>Ingingo ya 3</u>: Abakora imenyekanishamutungo	**<u>Article 3</u>: Subjects to declaration of assets**	**<u>Article 3</u>: Sujets à la déclaration des biens**
Abakora imenyekanishamutungo ni aba bakurikira:	Subjects to declaration of assets are the following:	Les sujets à la déclaration des biens sont les suivants:
1º abayobozi b'ikirenga;	1º high ranking leaders;	1º les hautes autorités;
2º abayobozi bakuru;	2º senior officials;	2º les autorités de rang supérieur;
3º abofisiye bakuru mu Ngabo z'u Rwanda, muri Polisi y'u Rwanda cyangwa mu Rwego rufite imfungwa n'abagororwa mu nshingano;	3º senior officers of Rwanda Defence Force, Rwanda National Police or Service in charge of correctional ;	3º les officiers supérieurs au sein des Forces Rwandaises de Défense, de la Police Nationale du Rwanda ou du Service correctionnel;
4º abayobozi;	4º authorities;	4º les autorités;
5º abacamanza n'abandi bakozi bo mu nkiko;	5º judges and other judicial personnel;	5º les juges et des agents de l'ordre judiciaire;
6º abashinjacyaha n'abafasha b'Ubushinjacyaha;	6º prosecutors and their assistants;	6º les officiers de poursuite judiciaire et leurs assistants;
7º abagenzacyaha;	7º investigators;	7º les enquêteurs;

8º imitwe ya politiki; 9º abakozi bafite aho bahurira n'imari n'umutungo bya Leta mu mirimo yabo; 10º abakozi b'Urwego rw'Umuvunyi; 11º abanoteri ba Leta ; 12º Abanyamabanga Nshingwabikorwa b'Imirenge n'ab'Utugari. Iteka rya Minisitiri rishobora kugena abandi bakora imenyekanishamutungo. **<u>Ingingo ya 4</u>: Imenyesha ry'abakora imenyekanishamutungo** Urwego abakora imenyekanishamutungo bakoramo rumenyesha Urwego rw'Umuvunyi abakozi barwo bari mu kazi bagomba gukora imenyekanishamutungo bitarenze ku wa 31 Werurwe buri mwaka. Ku ukora imenyekanishamutungo utangiye akazi cyangwa uvuye mu kazi, urwego atangiyemo akazi cyangwa urwo avuyemo rubimenyesha Urwego rw'Umuvunyi mu	8º political organisations; 9º public servants involved in public finance and State property in their duties; 10º employees of the Office of the Ombudsman; 11º public notaries; 12º Executive Secretaries of Sectors and Cells. An Order of the Minister may determine other subjects to declaration of assets. **<u>Article 4</u>: Notification of subjects to declaration of assets** The organ, which the subjects to declaration of assets work for, notifies the Office of the Ombudsman of its in service employees who are subject to declaration of assets not later than 31 March of each year. For a subject to declaration of assets who assumes or who left the office, the organ in which he or she assumes or from which he or she left the office notifies the Office of the	8º les formations politiques; 9º les agents de l'État impliqués dans les finances publiques et le patrimoine de l'État dans leurs fonctions; 10º les employés de l'Office de l'Ombudsman; 11º les notaires de l'État; 12º les Secrétaires Exécutifs des Secteurs et Cellules. Un arrêté du Ministre peut déterminer d'autres sujets à la déclaration des biens. **<u>Article 4</u>: Notification des sujets à la déclaration des biens** L'organe pour lequel les sujets à la déclaration des biens travaillent notifie l'Office de l'Ombudsman de ses employés en service qui sont sujets à la déclaration des biens au plus tard le 31 mars de chaque année. Pour un sujet à la déclaration des biens qui entre en fonction ou cesse ses fonctions, l'organe dans lequel il entre en fonction ou duquel il cesse ses fonctions notifie l'Office de l'Ombudsman endéans dix (10) jours à compter

gihe kitarenze iminsi icumi (10) kuva yinjiye cyangwa avuye mu kazi.	Ombudsman within ten (10) days from the date of assuming or leaving the office.	de la date d'entrée en fonction ou de cessation des fonctions.
Urwego rw'Umuvunyi rumenyesha Biro ya Sena abakozi barwo bakora imenyekanishamutungo bari mu kazi, abatangiye akazi cyangwa abakavuyemo mu bihe biteganywa mu gika cya mbere n'icya 2 by'iyi ngingo.	The Office of the Ombudsman notifies the Bureau of the Senate of its in service employees who are subject to declaration of assets and those who assumed or left the office within the period provided for in Paragraph One and 2 of this Article.	L'Office de l'Ombudsman notifie le Bureau du Sénat de ses employés en service qui sont sujets à la déclaration des biens et de ceux qui entrent en fonction ou cessent leurs fonctions dans le délai prévu aux alinéas premier et 2 du présent article.
UMUTWE WA II: UBURYO BWO GUTANGA, KWAKIRA NO KUGENZURA IMENYEKANISHAMUTUNGO	**CHAPTER II: PROCEDURE FOR SUBMITTING, RECEIVING AND VERIFYING DECLARATION OF ASSETS**	**CHAPITRE II: PROCÉDURE DE LA SOUMISSION, DE LA RÉCEPTION ET DE LA VÉRIFICATION DES DÉCLARATIONS DES BIENS**
Ingingo ya 5: Imitungo imenyekanishwa	**Article 5: Assets subject to declaration**	**Article 5: Biens soumis à la déclaration**
Imitungo imenyekanishwa ikubiyemo imitungo y'ukora imenyekanishamutungo ihereye mu Rwanda no mu mahanga.	Assets subject to declaration include assets of a subject to declaration of assets located in Rwanda and abroad.	Les biens soumis à la déclaration comprennent les biens d'un sujet à la déclaration situés au Rwanda et à l'étranger.
Ingingo ya 6: Ibikubiye mu imenyekanishamutungo	**Article 6: Content of a declaration of assets**	**Article 6: Contenu d'une déclaration des biens**
Imenyekanishamutungo rikubiyemo ibi bikurikira:	Declaration of assets contains the following:	La déclaration des biens contient ce qui suit:
1º ubwoko bw'umutungo;	1º type of assets;	1º le type des biens;
2º ingano y'umutungo;	2º quantity of assets;	2º la quantité des biens;

3º ahantu umutungo uherereye;	3º location of assets;	3º l'emplacement des biens;
4º inkomoko y'umutungo umenyekanishwa;	4º the source of declared assets;	4º la source des biens déclarés;
5º igihe umutungo umenyekanishwa wabonekeyeho;	5º the time of acquisition of declared assets;	5º la période d'acquisition des biens déclarés;
6º agaciro k'umutungo umenyekanishwa ku munsi ukora imenyekanishamutungo yawuboneyeho;	6º the value of declared assets on the date of its acquisition;	6º la valeur des biens déclarés à la date de leur acquisition;
7º umutungo w'uwashakanye n'ukora imenyekanishamutungo iyo basezeranye ivangamutungo rusange cyangwa ivangamutungo w'umuhahano;	7º assets of the spouse of the subject to declaration of assets if married under community of property regime or limited community of property regime;	7º les biens du conjoint du sujet à la déclaration des biens lorsqu'ils sont mariés sous le régime de la communauté universelle ou régime de la communauté réduite aux acquêts;
8º umutungo w'umwana w'ukora imenyekanishamutungo utaruzuza imyaka cumi n'umunani (18) y'amavuko;	8º assets of the child under eighteen (18) years of age of the subject to declaration of assets;	8º les biens d'un enfant âgé de moins de dix-huit (18) ans du sujet à la déclaration des biens;
9º impano zatanzwe mu mitungo y'ukora imenyekanishamutungo mu mezi cumi n'abiri (12) ashize.	9º donations made from the assets of the subject to declaration of assets in the last twelve (12) months.	9º les dons octroyés provenant des biens du sujet à la déclaration des biens au cours de douze (12) derniers mois.

Icyakora, imenyekanishamutungo ritangwa n'umutwe wa politiki rikubiyemo ibi bikurikira: 1º ibitabo by'umutungo bigaragaza amafaranga yinjiye, ayasohotse n'imyenda; 2º umutungo wimukanwa; 3º umutungo utimukanwa. Urwego rw'Umuvunyi rushobora kugena ibindi bikubiye mu imenyekanishamutungo.	However, the declaration of assets submitted by a political organisation contains the following: 1º books of accounts indicating income, expenditure and liabilities; 2º movable assets; 3º immovable assets. The Office of the Ombudsman may determine other content of declaration of assets.	Toutefois, la déclaration des biens d'une formation politique contient ce qui suit: 1º les livres comptables qui montrent les entrées, les sorties et les dettes; 2º les biens meubles; 3º les biens immeubles. L'Office de l'Ombudsman peut déterminer autre contenu de la déclaration des biens.
<u>Ingingo ya 7</u>: Itangwa n'iyakirwa ry'imenyekanishamutungo Imenyekanishamutungo ritangwa kandi rikakirwa binyuze mu buryo bw'ikoranabuhanga. Urwego rw'Umuvunyi rushyikiriza abakora imenyekanishamutungo uburyo bw'ikoranabuhanga bukoreshwa mu itangwa ry'imenyekanishamutungo bitarenze ku wa 15 Gicurasi buri mwaka cyangwa bitarenze ku wa 15 Kanama buri mwaka ku mitwe ya politiki.	**<u>Article 7</u>: Submission and receipt of a declaration of assets** Declaration of assets is submitted and received electronically. The Office of the Ombudsman provides subjects to declaration of assets with an electronic link for declaration of assets not later than 15 May of each year or not later than 15 August of each year for political organisations.	**<u>Article 7</u>: Soumission et réception d'une déclaration des biens** La déclaration des biens est soumise et reçue par voie électronique. L'Office de l'Ombudsman pourvoit aux sujets de la déclaration des biens un lien électronique pour la déclaration des biens au plus tard le 15 mai de chaque année ou au plus tard le 15 Août de chaque année pour des formations politiques.

Ku bakozi b'Urwego rw'Umuvunyi, Biro ya Sena ibashyikiriza inyandiko y'imenyekanishamutungo bitarenze ku wa 15 Gicurasi buri mwaka.	For employees of the Office of the Ombudsman, the Bureau of the Senate provides them with the declaration form not later than 15 May of each year.	Pour les employés de l'Office de l'Ombudsman, le Bureau du Sénat leur pourvoit d'un formulaire de déclaration au plus tard le 15 mai de chaque année.
<u>Ingingo ya 8</u>: Igihe ntarengwa cyo gutanga imenyekanishamutungo	**<u>Article 8</u>: Deadline for submitting a declaration of assets**	**<u>Article 8</u>: Délai limite de soumettre une déclaration des biens**
Ku ukora imenyekanishamutungo uri mu kazi, igihe ntarengwa cyo gutanga imenyekanishamutungo ni ku wa 30 Kamena buri mwaka.	For a subject to declaration of assets in service, the deadline for submitting declaration of assets is 30 June of each year.	Pour un sujet à la déclaration des biens en service, le délai limite de soumettre la déclaration des biens est le 30 juin de chaque année.
Ku ukora imenyekanishamutungo uvuye ku kazi, igihe ntarengwa cyo gutanga imenyekanishamutungo ni iminsi cumi n'itanu (15) uhereye ku munsi Urwego rw'Umuvunyi rwamushyikirijeho uburyo bw'ikoranabuhanga bukoreshwa mu itangwa ry'imenyekanishamutungo.	For a subject to declaration of assets who left the office, the deadline for submitting declaration of assets is fifteen (15) days from the date on which the Office of the Ombudsman provides him or her with the electronic link for declaration of assets.	Pour un sujet à la déclaration des biens qui cesse ses fonctions, le délai limite de soumettre la déclaration des biens est de quinze (15) jours à partir du jour où l'Office de l'Ombudsman lui pourvoit d'un lien électronique pour la déclaration des biens.
Ku ukora imenyekanishamutungo utangiye akazi, igihe ntarengwa cyo gutanga imenyekanishamutungo ni iminsi mirongo itatu (30) uhereye ku munsi Urwego rw'Umuvunyi rwamushyikirijeho uburyo bw'ikoranabuhanga bukoreshwa mu itangwa ry'imenyekanishamutungo.	For a subject to declaration of assets who assumes office, the deadline for submitting declaration of assets is thirty (30) days from the date on which the Office of the Ombudsman provides him or her with the electronic link for declaration of assets.	Pour un sujet à la déclaration des biens qui entre en fonction, le délai limite de soumettre une déclaration des biens est de trente (30) jours à partir du jour où l'Office de l'Ombudsman lui pourvoit d'un lien électronique pour la déclaration des biens.
Ku ukora imenyekanishamutungo wavuye mu kazi cyangwa utangiye akazi mu Rwego	For a subject to declaration of assets who left the office or assumes office in the Office of	Pour un sujet à la déclaration des biens qui cesse ses fonctions ou qui entre en fonction dans

rw'Umuvunyi, igihe ntarengwa cyo gutanga imenyekanishamutungo kibarwa ku minsi nk'iy'abandi bakora imenyekanishamutungo uhereye ku munsi Biro ya Sena yamushyikirijeho inyandiko y'imenyekanishamutungo. Ku mutwe wa politiki, igihe ntarengwa cyo gutanga imenyekanishamutungo ni ku wa 30 Nzeri buri mwaka. **<u>Ingingo ya 9</u>: Urwego rwakira imenyekanishamutungo** Urwego rwakira imenyekanishamutungo ni Urwego rw'Umuvunyi. Icyakora, Biro ya Sena yakira imenyekanishamutungo ritangwa n'abakozi b'Urwego rw'Umuvunyi. **<u>Ingingo ya 10</u>: Gusubiramo imenyekanishamutungo** Iyo ukora imenyekanishamutungo atanze imenyekanishamutungo rituzuye cyangwa ritari ryo, Urwego rw'Umuvunyi cyangwa Biro ya Sena ku bireba abakozi b'Urwego rw'Umuvunyi bimusaba kurisubiramo agatanga iryuzuye cyangwa nyaryo mu gihe	the Ombudsman, the deadline for submitting declaration of assets is calculated of the same days as of other subjects to declaration of assets from the date on which the Bureau of the Senate provides him or her with the declaration of assets form. For a political organisation, the deadline for submitting declaration of assets is 30 September of each year. **<u>Article 9</u>: Organ which receives declaration of assets** The Organ which receives the declaration of assets is the Office of the Ombudsman. However, the Bureau of Senate receives the declaration of assets submitted by employees of the Office of the Ombudsman. **<u>Article 10</u>: Re-declaration of assets** When a subject to declaration of assets submits a partial or false declaration of assets, the Office of the Ombudsman or the Bureau of the Senate for the case of employees of the Office of the Ombudsman requests him or her to redo the declaration of assets and submit a complete or true declaration of assets within	l'Office de l'Ombudsman, le délai limite de soumettre la déclaration des biens est calculé aux mêmes jours que les autres sujets à déclaration à partir du jour où le Bureau du Sénat lui pourvoit d'un formulaire de déclaration des biens. Pour une formation politique, le délai limite de soumettre la déclaration des biens est le 30 septembre de chaque année. **<u>Article 9</u>: Organe qui reçoit la déclaration des biens** L'Organe qui reçoit la déclaration des biens est l'Office de l'Ombudsman. Toutefois, le Bureau du Sénat reçoit la déclaration des biens soumise par les employés de l'Office de l'Ombudsman. **<u>Article 10</u>: Refaire une déclaration des biens** Lorsqu'un sujet à la déclaration des biens soumet une déclaration des biens incomplète ou fausse, l'Office de l'Ombudsman ou le Bureau du Sénat pour le cas des employés de l'Office de l'Ombudsman lui demande de refaire la déclaration des biens et de la soumettre complète ou vraie endéans sept (7) jours à partir

kitarenze iminsi irindwi (7) uhereye ku munsi yabimenyesherejweho.	seven (7) days from the date on which he or she was notified of that request.	du jour où il a été notifié de cette demande.
Ingingo ya 11: Kudatanga imenyekanishamutungo	**Article 11: Failure to submit a declaration of assets**	**Article 11: Défaut de soumettre une déclaration des biens**
Iyo ukora imenyekanishamutungo adatanze imenyekanishamutungo, Urwego rw'Umuvunyi cyangwa Biro ya Sena ku bireba abakozi b'Urwego rw'Umuvunyi bimusaba gutanga imenyekanishamutungo mu gihe kitarenze iminsi irindwi (7) uhereye ku munsi yabimenyesherejweho.	When a subject to a declaration of assets fails to submit the declaration of assets, the Office of the Ombudsman or the Bureau of the Senate for the case of employees of the Office of the Ombudsman requests him or her to submit declaration of assets within seven (7) days from the date on which he or she was notified of that request.	Lorsqu'un sujet à la déclaration des biens ne soumet pas la déclaration des biens, l'Office de l'Ombudsman ou le Bureau du Sénat pour le cas d'employés de l'Office de l'Ombudsman lui demande de soumettre la déclaration des biens endéans sept (7) jours à partir du jour où il a été notifié de cette demande.
Ingingo ya 12: Ibikwa ry'inyandiko z'imenyekanishamutungo	**Article 12: Filing of a declaration of assets**	**Article 12: Classement d'une déclaration des biens**
Inyandiko z'imenyekanishamutungo zibikwa mu ibanga ku buryo ibikubiyemo bimenywa gusa na bene zo n'abashinzwe kuzakira.	The declaration of assets are kept confidential in the way their contents are only known to their owners and those who receive them.	Les déclarations de patrimoine sont tenues confidentielles dans la mesure où leur contenu n'est connu que de leurs titulaires et de ceux qui les reçoivent.
Icyakora, Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga, Umushinjacyaha Mukuru cyangwa umuyobozi w'urwego rukoresha ubundi buryo bwo gukemura amakimbirane, babisabye mu nyandiko Umuvunyi Mukuru cyangwa Biro ya Sena ku bireba abakozi b'Urwego rw'Umuvunyi, bashobora guhabwa kopi y'inyandiko	However, the President of the Supreme Court, the Prosecutor General or the head of alternative dispute resolution organ, upon written request to the Ombudsman or to the Bureau of the Senate for the case of employees of the Office of the Ombudsman, may be given a copy of the declaration of assets in the interest of justice. If the requested	Toutefois, le Président de la Cour Suprême, le Procureur Général ou le chef de l'organe de mode alternatif de règlement des conflits, sur demande écrite adressée à l'Office de l'Ombudsman ou au Bureau du Sénat pour le cas des employés de l'Office de l'Ombudsman, peut recevoir une copie de la déclaration des biens dans l'intérêt de la justice. Lorsque les

z'imenyekanishamutungo mu nyungu z'ubutabera. Iyo inyandiko z'imenyekanishamutungo zisabwa ari izatanzwe na Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga, ubusabe bukorwa na Visi Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga, zaba ari izatanzwe n'Umushinjacyaha Mukuru, ubusabe bugakorwa n'Umushinjacyaha Mukuru Wungirije.	declaration of assets were submitted by the President of the Supreme Court, the request is made by the Deputy President of the Supreme Court, in case they were submitted by the Prosecutor General, the request is made by the Deputy Prosecutor General.	déclarations des biens demandées ont été soumises par le Président de la Cour Suprême, la demande est faite par le Vice-Président de la Cour Suprême, lorsqu'elles ont été soumises par le Procureur Général, la demande est faite par le Procureur Général Adjoint.
Uwatanze imenyekanishamutungo afite uburenganzira bwo gusaba mu nyandiko Umuvunyi Mukuru cyangwa Biro ya Sena ku bireba abakozi b'Urwego rw'Umuvunyi kopi y'inyandiko z'imenyekanishamutungo rye no kuyihabwa.	A person who submitted the declaration of assets has the right to request in writing to the Ombudsman or the Bureau of the Senate for the case of employees of the Office of the Ombudsman and to be granted a copy of his or her declaration of assets.	Une personne qui a soumis une déclaration des biens a le droit de demander par écrit à l'Ombudsman en Chef ou au Bureau du Sénat pour le cas d'employés de l'Office de l'Ombudsman et d'être octroyé une copie de sa déclaration des biens.
<u>Ingingo ya 13</u>: Kugenzura imenyekanishamutungo	**<u>Article 13</u>: Verification of a declaration of assets**	**<u>Article 13</u>: Vérification d'une déclaration des biens**
Igenzura ry'imenyekanishamutungo rikorwa n'Urwego rw'Umuvunyi hagamijwe gusuzuma ko umutungo wamenyekanishijwe wabonetse mu buryo bwemewe n'amategeko kandi ko imenyekanishamutungo ryatanzwe rihuye n'ukuri.	Verification of declaration of assets is undertaken by the Office of the Ombudsman for the sake of knowing if the assets declared were legally acquired and if the submitted declaration of assets is true.	La vérification de la déclaration des biens est faite par l'Office de l'Ombudsman afin de voir si les biens déclarés ont été légalement acquis et si la déclaration des biens soumise est véridique.
Icyakora, igenzura ry'imenyekanishamutungo rivugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo rikorwa na Biro ya	However, the verification of declaration of assets referred to in Paragraph One of this Article is undertaken by the Bureau of the	Toutefois, la vérification de la déclaration des biens visée à l'alinéa premier du présent article est faite par le Bureau du Sénat pour le cas d'un employé de l'Office de l'Ombudsman.

Sena iyo rireba umukozi w'Urwego rw'Umuvunyi.	Senate for the case of an employee of the Office of the Ombudsman.	
Igenzura rikorwa hasesengurwa, hagereranywa kandi hasurwa imitungo yamenyekanishijwe.	Verification is done through analysis, cross-checking and physical survey of assets declared.	La vérification est faite par voie d'analyse, de contre expertise et de contrôle physique des biens déclarés.
Urwego rw'Umuvunyi rugenzura buri mwaka uko ibitabo by'umutungo w'umutwe wa politiki wabonetse n'uko wakoreshejwe, rukabikorera raporo. Iyi raporo ishyikirizwa umutwe wa politiki bireba kopi ikagenerwa urwego rushinzwe iyandikwa ry'imitwe ya politiki na Sena.	The Office of the Ombudsman verifies, each year, books of accounts of the political organisation declared assets and their use and makes a report. The report is submitted to the concerned political organisation and a copy is provided to the organ in charge of political organisations registration and the Senate.	L'Office de l'Ombudsman vérifie, chaque année, les livres comptables d'une formation politique des biens déclarés et leur utilisation et en fait un rapport. Ce rapport est soumis à la formation politique concernée et la copie est donnée à l'organe chargé de l'enregistrement des formations politiques et au Sénat.
<u>Ingingo ya 14</u>: Gushyikiriza ikibazo urwego rufite ubugenzacyaha mu nshingano	**<u>Article 14</u>: Reporting a case to the organ in charge of criminal investigation**	**<u>Article 14</u>: Soumettre un cas à l'organe ayant l'investigation dans ses attributions**
Iyo Urwego rw'Umuvunyi cyangwa Biro ya Sena ku bireba abakozi b'Urwego rw'Umuvunyi bibona ko umutungo wamenyekanishijwe wabonetse mu buryo butemewe n'amategeko, bikorerwa raporo igashyikirizwa urwego rufite ubugenzacyaha mu nshingano kugira ngo rubikoreho ipereereza.	If the Office of the Ombudsman or the Bureau of the Senate for the case of employees of the Office of the Ombudsman considers that the assets declared were not legally acquired, the Office of the Ombudsman or the Bureau of the Senate makes a report on the case to the organ in charge of criminal investigation for investigation.	Lorsque l'Office de l'Ombudsman ou le Bureau du Sénat pour le cas des employés de l'Office de l'Ombudsman estime que les biens déclarés n'ont pas été légalement acquis, l'Office de l'Ombudsman ou le Bureau du Sénat en fait un rapport à l'organe ayant l'investigation dans ses attributions pour l'enquête.
Urwego rw'Umuvunyi cyangwa Biro ya Sena ku bireba abakozi b'Urwego rw'Umuvunyi, mu bushishozi bwabyo,	The Office of the Ombudsman or the Bureau of the Senate for the case of employees of the Office of the Ombudsman, at its discretion,	L'Office de l'Ombudsman ou le Bureau de Sénat pour le cas des employés de l'Office de l'Ombudsman, à sa discrétion, peut requérir

bishobora gusaba urwego rufite ubugenzacyaha mu nshingano gukora ipereza igihe hatatanzwe imenyekanishamutungo cyangwa igihe hatanzwe imenyekanishamutungo rituzuye cyangwa ritari ryo.	may request the organ in charge of criminal investigation to carry out investigation for failure to submit declaration of assets or for submitted partial or false declaration of assets.	l'organe ayant l'investigation dans ses attributions de mener une enquête pour la non-soumission de la déclaration des biens ou pour la déclaration des biens incomplète ou fausse soumise.
UMUTWE WA III: AMAKOSA N'IBIHANO BYO MU RWEGO RW'UBUTEGETSI	**CHAPTER III: ADMINISTRATIVE FAULTS AND SANCTIONS**	**CHAPITRE III: FAUTES ET SANCTIONS ADMINISTRATIVES**
Ingingo ya 15: Gutanga imenyekanishamutungo rituzuye cyangwa ritari ryo bikozwe n'umuntu	**Article 15: Submission of partial or false declaration of assets by a person**	**Article 15: Soumission d'une déclaration des biens incomplète ou fausse par une personne**
Iyo umuntu ukora imenyekanishamutungo asabwe gusubiramo imenyekanishamutungo akongera gutanga imenyekanishamutungo rituzuye cyangwa ritari ryo, aba akoze ikosa ryo mu rwego rw'akazi.	A person subject to a declaration of assets who is requested to redo the declaration of assets and submits again a partial or false declaration of assets, commits an administrative fault.	Lorsqu'une personne soumise à la déclaration des biens est sommée à refaire la déclaration des biens et soumet encore une déclaration des biens incomplète ou fausse, commet une faute administrative.
Bitabangamiye ibiteganywa n'andi mategeko, iyo umuntu ukora imenyekanishamutungo akoze iryo kosa, Urwego rw'Umuvunyi cyangwa Biro ya Sena ku bireba abakozi b'Urwego rw'Umuvunyi bisaba umuyobozi w'urwego rwa Leta uwatanze imenyekanishamutungo rituzuye cyangwa ritari ryo akoreramo cyangwa umuyobozi w'urwego rubifitiye	Without prejudice to provisions of other Laws, if a person subject to declaration of assets commits that fault, the Office of the Ombudsman or the Bureau of the Senate for the case of employees of the Office of the Ombudsman, requests the Head of a State organ for which the subject to declaration of assets who submitted a partial or false declaration of assets works or the head of the	Sans préjudice des dispositions des autres lois, lorsqu'une personne qui est sujet à la déclaration des biens commet cette faute, l'Office de l'Ombudsman ou le Bureau du Sénat pour le cas des employés de l'Office de l'Ombudsman, demande au responsable de l'organe de l'État dans lequel le sujet à la déclaration des biens qui a soumis une déclaration des biens incomplète ou fausse

ububasha kumuhanisha igihano cyo guhagarikwa ku kazi mu gihe kingana n'ukwezi kumwe (1) kudahemberwa kandi akibutswa gutanga imenyekanishamutungo ryuzuye cyangwa nyaryo mu gihe kitarenze iminsi irindwi (7) uhereye ku munsi ukora imenyekanishamutungo yamenyesherejweho icyo gihano.	competent organ to sanction him or her by suspension for a period of one (1) month without pay and is reminded to submit a complete or true declaration of assets within seven (7) days from the date on which the subject to declaration of assets was notified of the sanction.	travaille ou le chef de l'organe compétent de le sanctionner par la suspension pour une période d'un (1) mois non payé et il lui est rappelé de soumettre une déclaration des biens complète ou vraie endéans sept (7) jours à partir du jour où le sujet à la déclaration des biens a été notifié de cette sanction.
Iyo ukora imenyekanishamutungo atubahirije ibiteganywa mu gika cya 2 cy'iyi ngingo, Urwego rw'Umuvunyi cyangwa Biro ya Sena ku bireba abakozi b'Urwego rw'Umuvunyi bisaba umuyobozi w'urwego rubifitiye ububasha kumuhanisha igihano cyo guhagarikwa ku kazi mu gihe kingana n'amezi abiri (2) adahemberwa.	If a person subject to declaration of assets fails to comply with provisions of Paragraph 2 of this Article, the Office of the Ombudsman or the Bureau of the Senate, for the case of employees of the Office of the Ombudsman, requests the competent authority to sanction him or her by suspension for a period of two (2) months without pay.	Lorsqu'une personne qui est sujet à la déclaration des biens ne se conforme pas aux dispositions de l'alinéa 2 du présent article, l'Office de l'Ombudsman ou le Bureau du Sénat pour le cas des employés de l'Office de l'Ombudsman, demande à l'autorité compétente de la sanctionner par la suspension pour une période de deux (2) mois non payés.
Iyo ukora imenyekanishamutungo wahanishijwe igihano cyo guhagarikwa ku kazi mu gihe kingana n'amezi abiri (2) adahemberwa adashoboye gukora imenyekanishamutungo rye nyuma yo guhanwa, Urwego rw'Umuvunyi cyangwa Biro ya Sena bisaba urwego rufite ubugenzacyaha mu nshingano gukora ipereereza rigamije kumenya impamvu uwo muntu atubahiriza inshingano yo kumenyekanisha umutungo we.	If the person subjected to a sanction of suspension for a period of two (2) months without pay fails to declare his or her assets after being sanctioned, the Office of Ombudsman or the Bureau of the Senate requests the organ in charge of criminal investigation to carry out an investigation intended to establish why that person does not comply with the obligation of declaring his or her assets.	Lorsque la personne sujette à une sanction de suspension pour une période de deux (2) mois non payés ne déclare pas ses biens après cette sanction, l'Office de l'Ombudsman ou le Bureau du Sénat demande à l'organe ayant l'investigation dans ses attributions de mener une enquête pour identifier pourquoi cette personne ne se conforme pas à l'obligation de déclarer ses biens.

Ingingo ya 16: Gutanga imenyekanishamutungo rituzuye cyangwa ritari ryo bikozwe n'umutwe wa politiki	**Article 16: Submission of partial or false declaration of assets by a political organisation**	**Article 16: Soumission d'une déclaration des biens incomplète ou fausse par une formation politique**
Iyo umutwe wa politiki usabwe gusubiramo imenyekanishamutungo, ukongera gutanga imenyekanishamutungo rituzuye cyangwa ritari ryo, uba ukoze ikosa ryo mu rwego rw'ubutegetsi.	If a political organisation is requested to redo declaration of assets and submits again partial or false declaration of assets, it commits an administrative fault.	Lorsqu'une formation politique est sommée à refaire la déclaration des biens et soumet encore une déclaration des biens incomplète ou fausse, commet une faute administrative.
Iyo umutwe wa politiki ukoze iryo kosa, Urwego rw'Umuvunyi ruwuhanisha igihano cyo kwihanangirizwa ku mugaragaro kandi ukibutswa gutanga imenyekanishamutungo ryuzuye cyangwa nyaryo mu gihe kitarenze iminsi irindwi (7) uhereye ku munsi wamenyesherejweho icyo gihano.	If a political organisation commits the fault, the Office of the Ombudsman sanctions it by a formal warning and is reminded to submit a complete or true declaration of assets within seven (7) days from the date on which it was notified of the sanction.	Lorsqu'une formation politique commet cette faute, l'Office de l'Ombudsman la sanctionne par l'avertissement officiel et il lui est rappelé de soumettre une déclaration des biens complète ou vraie endéans sept (7) jours à partir du jour où elle a été notifiée de cette sanction.
Iyo umutwe wa politiki utubahirije ibiteganywa mu gika cya 2 cy'iyi ngingo, Urwego rw'Umuvunyi ruwuhanisha igihano cyo kugawa mu nyandiko kandi ukibutswa gutanga imenyekanishamutungo ryuzuye cyangwa nyaryo mu gihe kitarenze iminsi irindwi (7) uhereye ku munsi wamenyesherejweho icyo gihano.	If a political organisation fails to comply with provisions of Paragraph 2 of this Article, the Office of the Ombudsman sanctions it by a written reprimand and is reminded to submit a complete or true declaration of assets within seven (7) days from the date on which the political organisation was notified of the sanction.	Lorsqu'une formation politique ne se conforme pas aux dispositions de l'alinéa 2 du présent article, l'Office de l'Ombudsman la sanctionne d'un blâme par écrit et il lui est rappelé de soumettre une déclaration des biens complète ou vraie endéans sept (7) jours à partir du jour où la formation politique a été notifiée de cette sanction.
Urwego rw'Umuvunyi rumenyesha Perezida wa Sena, Perezida w'Umutwe w'Abadepite, urwego rushinzwe iyandikwa ry'imitwe ya	The Office of the Ombudsman notifies the President of the Senate, the Speaker of the Chamber of Deputies, the organ in charge of	L'Office de l'Ombudsman notifie au Président du Sénat, au Président de la Chambre des Députés, à l'organe chargé de l'enregistrement

politiki n'Ihuriro ry'Igihugu Nyunguranabitekerezo ry'Imitwe ya Politiki iyo umutwe wa politiki uri muri iryo Huriro, ibihano bivugwa mu gika cya 2 n'icya 3 by'iyi ngingo.	registration of political organisations and the National Consultative Forum of Political Organisations in case the political organisation is a member of that Forum, of the sanctions mentioned in Paragraphs 2 and 3 of this Article.	des formations politiques et au Forum National de Concertation des Formations Politiques au cas où la formation politique en est membre, les sanctions visées aux alinéas 2 et 3 du présent article.
Ingingo ya 17: Kudatanga imenyekanishamutungo bikozwe n'umuntu	**Article 17: Failure to submit a declaration of assets by a person**	**Article 17: Défaut de soumettre une déclaration des biens par une personne**
Umuntu udatanze imenyekanishamutungo agasabwa kuritanga mu gihe kitarenze iminsi irindwi (7) uhereye ku munsi yabimenyesherejweho na bwo ntaritange, aba akoze ikosa ryo mu rwego rw'akazi.	A person who fails to submit a declaration of assets and is requested to submit it within seven (7) days from the date on which he or she was notified of that request but he or she fails again to submit it, commits an administrative fault.	Une personne qui ne soumet pas la déclaration des biens et à qui il est rappelé de la soumettre endéans sept (7) jours à partir du jour où il lui a été notifié de cette demande mais manque encore à la soumettre, commet une faute administrative.
Bitabangamiye ibiteganywa n'andi mategeko, iyo umuntu akoze iryo kosa, Urwego rw'Umuvunyi cyangwa Biro ya Sena ku bireba abakozi b'Urwego rw'Umuvunyi bisaba umuyobozi w'urwego rwa Leta utaratanze imenyekanishamutungo akoreramo kumuhanisha igihano cyo guhagarikwa ku kazi mu gihe kingana n'ukwezi kumwe (1) kudahemberwa kandi akibutswa gutanga imenyekanishamutungo mu gihe kitarenze iminsi irindwi (7) uhereye ku munsi yamenyesherejweho igihano.	Without prejudice to provisions of other Laws, if a person commits the fault, the Office of the Ombudsman or the Bureau of the Senate for the case of employees of the Office of the Ombudsman, requests the head of a State organ for which the subject to the declaration of assets who failed to submit the declaration of assets works to sanction him or her by suspension for a period of one (1) month without pay and is reminded to submit the declaration of assets within seven (7) days from the date on which he or she was notified of the sanction.	Sans préjudice des dispositions des autres lois, lorsqu'une personne commet cette faute, l'Office de l'Ombudsman ou le Bureau du Sénat pour le cas des employés de l'Office de l'Ombudsman, demande au chef de l'organe de l'État pour lequel le sujet à la déclaration des biens qui n'a pas soumis une déclaration des biens travaille de le sanctionner par la suspension pour une période d'un (1) mois non payé et il lui est rappelé de soumettre la déclaration des biens endéans sept (7) jours à partir du jour où elle a été notifiée de cette sanction.

Iyo ukora imenyekanishamutungo atubahirije ibiteganywa mu gika cya 2 cy'iyi ngingo, Urwego rw'Umuvunyi cyangwa Biro ya Sena ku bireba abakozi b'Urwego rw'Umuvunyi bisaba urwego rubifitiye ububasha kumuhanisha igihano cyo guhagarikwa ku kazi mu gihe kingana n'amezi atatu (3) adahemberwa.	If a person subject to the declaration of assets fails to comply with provisions of Paragraph 2 of this Article, the Office of the Ombudsman or the Bureau of the Senate for the case of employees of the Office of the Ombudsman, requests the competent authority to sanction him or her by suspension for a period of three (3) months without pay.	Lorsqu'une personne soumise à la déclaration des biens ne se conforme pas aux dispositions de l'alinéa 2 du présent article, l'Office de l'Ombudsman ou le Bureau du Sénat pour le cas des employés de l'Office de l'Ombudsman, demande à l'autorité compétente de la sanctionner par la suspension pour une période de trois (3) mois non payés.
Iyo uwahanishijwe igihano cyo guhagarikwa ku kazi mu gihe kingana n'amezi atatu (3) adahemberwa adashoboye gukora imenyekanishamutungo rye nyuma yo guhanwa, Urwego rw'Umuvunyi cyangwa Biro ya Sena ku bireba abakozi b'Urwego rw'Umuvunyi bisaba urwego rufite ubugenzacyaha mu nshingano gukora ipereereza rigamije kumenya impamvu uwo muntu atubahiriza inshingano zo kumenyekanisha umutungo we.	If the person subjected to a sanction of suspension for a period of three (3) months without pay fails to declare his or her assets after being sanctioned, the Office of Ombudsman or the Bureau of the Senate for the case of employees of the Office of the Ombudsman, requests the organ in charge of criminal investigation to carry out an investigation intended to establish why that person does not comply with the obligation of declaring his or her assets.	Lorsque la personne sujette à une sanction de suspension pour une période de trois (3) mois non payés ne déclare pas ses biens après avoir été sanctionnée, l'Office de l'Ombudsman ou le Bureau du Sénat pour le cas des employés de l'Office de l'Ombudsman, demande à l'organe ayant l'investigation dans ses attributions de mener une enquête pour identifier pourquoi cette personne ne se conforme pas à l'obligation de déclarer ses biens.
<u>Ingingo ya 18</u>: Kudatanga imenyekanishamutungo bikozwe n'umutwe wa politiki	**<u>Article 18</u>: Failure to submit a declaration of assets by a political organisation**	**<u>Article 18</u>: Défaut de soumettre une déclaration des biens par une formation politique**
Umutwe wa politiki udatanze imenyekanishamutungo, uba ukoze ikosa ryo mu rwego rw'ubutegetsi.	A political organisation that fails to submit a declaration of assets, commits an administrative fault.	Une formation politique qui ne soumet pas la déclaration des biens, commet une faute administrative.
Iyo umutwe wa politiki ukoze iryo kosa ku nshuro ya mbere, Urwego rw'Umuvunyi	If a political organisation commits the fault for the first time, the Office of the	Lorsqu'une formation politique commet cette faute pour la première fois, l'Office de

ruwuhanisha igihano cyo kwihanangirizwa ku mugaragaro kandi ukibutswa gutanga imenyekanishamutungo mu gihe kitarenze iminsi itanu (5) uhereye ku munsi wamenyesherejweho igihano. Icyo gihano kimenyeshwa Perezida wa Sena, Perezida w'Umutwe w'Abadepite, urwego rushinzwe iyandikwa ry'imitwe ya politiki n'Ihuriro ry'Igihugu Nyunguranabitekerezo ry'Imitwe ya Politiki iyo umutwe wa politiki uri muri iryo Huriro.	Ombudsman sanctions the political organisation by a formal warning and is reminded to submit the declaration of assets within five (5) days from the date on which the political organisation was notified of the sanction. The sanction is notified to the President of the Senate, the Speaker of the Chamber of Deputies, the organ in charge of registration of political organisations and the National Consultative Forum of Political Organisations in case the political organisation is a member of that Forum.	l'Ombudsman sanctionne la formation politique par un avertissement officiel et il lui est rappelé de soumettre la déclaration des biens endéans cinq (5) jours à partir du jour où la formation politique a été notifiée de cette sanction. Cette sanction est notifiée au Président du Sénat, au Président de la Chambre des Députés, à l'organe chargé de l'enregistrement des formations politiques et au Forum National de Concertation des Formations Politiques au cas où la formation politique en est membre.
Iyo umutwe wa politiki utubahirije ibiteganywa mu gika cya 2 cy'iyi ngingo, Urwego rw'Umuvunyi rusaba umuyobozi w'Urwego rushinzwe iyandikwa ry'imitwe ya politiki kuwuhanisha igihano cyo guhagarikirwa inkunga ya Leta ihabwa uwo mutwe wa politiki kugeza igihe uzatangira imenyekanishamutungo usabwa.	If a political organisation fails to comply with provisions of Paragraph 2 of this Article, the Office of the Ombudsman requests the Head of the organ in charge of registration of political organisations to sanction the political organisation by suspension of the State grant allocated to that political organisation until it submits the required declaration of assets.	Lorsqu'une formation politique ne se conforme pas aux dispositions de l'alinéa 2 du présent article, l'Office de l'Ombudsman demande au chef de l'organe chargé de l'enregistrement des formations politiques de sanctionner la formation politique d'une suspension de la subvention de l'État allouée à cette formation politique jusqu'à ce qu'elle soumette la déclaration des biens requise.
Iyo umutwe wa politiki ukoze ikosa ryo kudatanga imenyekanishamutungo nyuma yo guhagarikirwa inkunga ya Leta, Urwego rw'Umuvunyi rusaba umuyobozi w'urwego rushinzwe iyandikwa ry'imitwe ya politiki kuwuhanisha igihano cyo guhagarikwa mu gihe kingana n'umwaka umwe (1).	If a political organisation commits a fault of failing to submit the declaration of assets after the State grant was suspended, the Office of the Ombudsman requests the Head of the organ in charge of registration of political organisations to sanction the political organisation by suspension for a period of one (1) year.	Lorsqu'une formation politique commet la faute de ne pas soumettre une déclaration des biens après la suspension de la subvention de l'État, l'Office de l'Ombudsman demande au responsable de l'organe chargé de l'enregistrement des formations politiques de sanctionner la formation politique d'une suspension pour une période d'une (1) année.

Ibihano bivugwa mu gika cya 3 n'icya 4 by'iyi ngingo bifatiwe umutwe wa politiki bimenyeshwa Perezida wa Sena, Perezida w'Umutwe w'Abadepite, Urwego rw'Umuvunyi n'Ihuriro ry'Igihugu Nyunguranabitekerezo ry'Imitwe ya Politiki iyo umutwe wa politiki uri muri iryo Huriro.	Sanctions mentioned in Paragraph 3 and 4 of this Article taken against a political organisation are notified to the President of the Senate, the Speaker of the Chamber of Deputies, the Office of the Ombudsman and the National Consultative Forum of Political Organisations in case the political organisation is a member of that Forum.	Les sanctions visées à l'alinéa 3 et 4 du présent article prises contre une formation politique sont notifiées au Président du Sénat, au Président de la Chambre des Députés, à l'Office de l'Ombudsman et au Forum National de Concertation des Formations Politiques au cas où la formation politique en est membre.
UMUTWE WA IV: INGINGO ZISOZA	**CHAPTER IV: FINAL PROVISIONS**	**CHAPITRE IV: DISPOSITIONS FINALES**
Ingingo ya 19: Itegurwa, isuzumwa n'itorwa by'iri tegeko	**Article 19: Drafting, consideration and adoption of this Law**	**Article 19: Initiation, examen et adoption de la présente loi**
Iri tegeko ryateguwe, risuzumwa kandi ritorwa mu rurimi rw'Ikinyarwanda.	This Law was drafted, considered and adopted in Ikinyarwanda.	La présente loi a été initiée, examinée et adoptée en Ikinyarwanda.
Ingingo ya 20: Ivanwaho ry'ingingo z'amategeko zinyuranyije n'iri tegeko	**Article 20: Repealing provision**	**Article 20: Disposition abrogatoire**
Ingingo zose z'amategeko abanziriza iri kandi zinyuranyije na ryo zivanyweho.	All prior legal provisions contrary to this Law are repealed.	Toutes les dispositions légales antérieures contraires à la présente loi sont abrogées.
Ingingo ya 21: Igihe iri tegeko ritangira gukurikizwa	**Article 21: Commencement**	**Article 21: Entrée en vigueur**
Iri tegeko ritangira gukurikizwa ku munsi ritangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda.	This Law comes into force on the date of its publication in the Official Gazette of the Republic of Rwanda.	La présente loi entre en vigueur le jour de sa publication au Journal Officiel de la République du Rwanda.

Kigali, 29/08/2021 **(sé)** **KAGAME Paul** Perezida wa Repubulika President of the Republic Président de la République
(sé) **Dr NGIRENTE Edouard** Minisitiri w'Intebe Prime Minister Premier Ministre
Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya Repubulika: **Seen and sealed with the Seal of the Republic:** **Vu et scellé du Sceau de la République :** **(sé)** **BUSINGYE Johnston** Minisitiri w'Ubutabera akaba n'Intumwa Nkuru ya Leta Minister of Justice and Attorney General Ministre de la Justice et Garde des Sceaux

ITEKA RYA MINISITIRI W'INTEBE Nº 020/03 RYO KU WA 29/08/2021 RIGENGA AMATORA Y'ABAGIZE KOMITE NYOBOZI YA BURI NAMA Y'IGIHUGU	**PRIME MINISTER'S ORDER Nº 020/03 OF 29/08/2021 GOVERNING ELECTIONS OF THE MEMBERS OF THE EXECUTIVE COMMITTEE OF EACH NATIONAL COUNCIL**	**ARRÊTÉ DU PREMIER MINISTRE Nº 020/03 DU 29/08/2021 PORTANT ELECTIONS DES MEMBRES DU COMITÉ EXÉCUTIF DE CHAQUE CONSEIL NATIONAL**
ISHAKIRO	**TABLE OF CONTENTS**	**TABLE DES MATIÈRES**
UMUTWE WA MBERE: INGINGO RUSANGE	**CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS**	**CHAPITRE PREMIER: DISPOSITIONS GÉNÉRALES**
Ingingo ya mbere: Icyo iri teka rigamije	**Article One: Purpose of this Order**	**Article premier: Objet du présent arrêté**
Ingingo ya 2: Ibirebwa n'iri teka	**Article 2: Scope of this Order**	**Article 2: Champ d'application du présent arrêté**
Ingingo ya 3: Ibibujijwe mu gutora	**Article 3: Prohibitions in casting vote**	**Article 3: Interdictions lors du vote**
Ingingo ya 4: Itangwa rya kandidatire no kwiyamamaza	**Article 4: Submission of candidacies and electoral campaign**	**Article 4: Dépôt des candidatures et campagne électorale**
Ingingo ya 5: Uburyo bwo gutora	**Article 5: Voting modalities**	**Article 5: Modalités de vote**
Ingingo ya 6: Ibarura ry'amajwi n'itangazwa ry' ibyavuye mu matora	**Article 6: Counting of votes and publication of elections results**	**Article 6: Comptage des voix et publication des résultats électoraux**
Ingingo ya 7: Isimburwa ry'ugize Komite Nyobozi watowe ku rwego rwisumbuye	**Article 7: Replacement of the member of the Executive Committee elected at higher level**	**Article 7: Remplacement du membre du Comité Exécutif élu à l'échelon supérieur**

Ingingo ya 8: Gukemura impaka zijyanye n'imigendekere y'itora	**Article 8: Resolution of electoral process related complaints**	**Article 8: Résolution des litiges liés au déroulement des élections**
Ingingo ya 9: Manda n'isimburwa ry'abagize Komite Nyobozi z'Inama z'Igihugu	**Article 9: Term of office and replacement of the members of the Executive Committees of the National Councils**	**Article 9: Mandat et remplacement des membres des Comités Exécutifs des Conseils Nationaux**
Ingingo ya 10: Impamvu zituma ugize Komite Nyobozi ava muri uwo mwanya	**Article 10: Reasons for loss of membership in the Executive Committee**	**Article 10: Causes de perte de la qualité de membre du Comité Exécutif**
UMUTWE WA II: INGINGO ZIHARIYE KU ITORA RY'ABAGIZE KOMITE NYOBOZI YA BURI NAMA Y'IGIHUGU	**CHAPTER II: SPECIFIC PROVISIONS ON ELECTION OF THE MEMBERS OF THE EXECUTIVE COMMITTEE OF EACH NATIONAL COUNCIL**	**CHAPITRE II: DISPOSITIONS PARTICLIÈRES À L'ELECTION DES MEMBRES DU COMITÉ EXÉCUTIF DE CHAQUE CONSEIL NATIONAL**
Icyiciro cya mbere: Inama y'Igihugu y'Abagore	**Section One: National Women's Council**	**Section première: Conseil National des Femmes**
Ingingo ya 11: Inzego z'imitegekere y'Igihugu abagize Komite Nyobozi batorerwaho	**Article 11: Administrative entities where members of Executive Committee are elected**	**Article 11: Entités administratives où sont élus les membres du Comité Exécutif**
Ingingo ya 12: Abagize Komite Nyobozi y'Inama y'Igihugu y'Abagore	**Article 12: Members of the Executive Committee of the National Women's Council**	**Article 12: Membres du Comité Exécutif du Conseil National des Femmes**
Ingingo ya 13: Inteko itora y'abagize Komite Nyobozi	**Article 13: Electoral college of the members of the Executive Committee**	**Article 13: Collège électoral des membres du Comité Exécutif**
Ingingo ya 14: Abemerewe gutora no gutorwa	**Article 14: Persons allowed to vote and to be elected**	**Article 14: Personnes admises à élire et être élues**

Ingingo ya 15: Ibisabwa umukandida muri Komite Nyobozi	**Article 15: Candidacy requirements for the Executive Committee membership**	**Article 15: Conditions exigées à la candidate au Comité Exécutif**
Ingingo ya 16: Uburyo amatora akurikirana	**Article 16: Succession of elections**	**Article 16: Succession des élections**
Icyiciro cya 2: Inama y'Igihugu y'Abantu bafite Ubumuga	**Section 2: National Council for Persons with Disabilities**	**Section 2: Conseil National des Personnes Handicapées**
Ingingo ya 17: Inzego z'imitegekere y'Igihugu abagize Komite Nyobozi batorerwaho	**Article 17: Administrative entities where members of the Executive Committee are elected**	**Article 17: Entités administratives où sont élus les membres du Comité Exécutif**
Ingingo ya 18: Abagize Komite Nyobozi y'Inama y'Igihugu y'Abantu bafite Ubumuga	**Article 18: Members of the Executive Committee of the National Council for Persons with Disabilities**	**Article 18: Membres du Comité Exécutif du Conseil National des Personnes Handicapées**
Ingingo ya 19: Abemerewe gutora no gutorwa	**Article 19: Persons allowed to vote and to be elected**	**Article 19: Personnes admises à élire et à être élues**
Ingingo ya 20: Ibisabwa umukandida muri Komite Nyobozi	**Article 20: Candidacy requirements for the Executive Committee membership**	**Article 20: Conditions exigées au candidat au Comité Exécutif**
Ingingo ya 21: Uburyo amatora akurikirana	**Article 21: Succession of elections**	**Article 21: Succession des élections**
Icyiciro cya 3: Inama y'Igihugu y'Urubyiruko	**Section 3: National Youth Council**	**Section 3: Conseil National de la Jeunesse**

Ingingo ya 22: Inzego z'imitegekere y'Igihugu abagize Komite Nyobozi batorerwaho	**Article 22: Administrative entities where members of the Executive Committee are elected**	**Article 22: Entités administratives où sont élus les membres du Comité Exécutif**
Ingingo ya 23: Abagize Komite Nyobozi y'Inama y'Igihugu y'Urubyiruko	**Article 23: Members of the Executive Committee of the National Youth Council**	**Article 23: Membres du Comité Exécutif du Conseil National de la Jeunesse**
Ingingo ya 24: Inteko itora	**Article 24: Electoral college**	**Article 24: Collège électoral**
Ingingo ya 25: Ibisabwa umukandida muri Komite Nyobozi	**Article 25: Candidacy requirements for the Executive Committee membership**	**Article 25: Conditions exigées au candidat au Comité Exécutif**
Ingingo ya 26: Uburyo amatora akurikirana	**Article 26: Succession of elections**	**Article 26: Succession des élections**
UMUTWE WA III: INGINGO ZISOZA	**CHAPTER III: FINAL PROVISIONS**	**CHAPITRE III: DISPOSITIONS FINALES**
Ingingo ya 27: Abashinzwe gushyira mu bikorwa iri teka	**Article 27: Authorities responsible for the implementation of this Order**	**Article 27: Autorités chargées de l'exécution du présent arrêté**
Ingingo ya 28: Ivanwaho ry'ingingo zinyuranyije n'iri teka	**Article 28: Repealing provision**	**Article 28: Disposition abrogatoire**
Ingingo ya 29: Igihe iri teka ritangirira gukurikizwa	**Article 29: Commencement**	**Article 29: Entrée en vigueur**

ITEKA RYA MINISITIRI W'INTEBE Nº 020/03 RYO KU WA 29/08/2021 RIGENGA AMATORA Y'ABAGIZE KOMITE NYOBOZI YA BURI NAMA Y'IGIHUGU	**PRIME MINISTER'S ORDER Nº 020/03 OF 29/08/2021 GOVERNING ELECTIONS OF THE MEMBERS OF THE EXECUTIVE COMMITTEE OF EACH NATIONAL COUNCIL**	**ARRÊTÉ DU PREMIER MINISTRE Nº 020/03 DU 29/08/2021 PORTANT ELECTIONS DES MEMBRES DU COMITÉ EXÉCUTIF DE CHAQUE CONSEIL NATIONAL**
Minisitiri w'Intebe;	**The Prime Minister;**	**Le Premier Ministre;**
Ashingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo mu 2003 ryavuguruwe mu 2015, cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 119, iya 120, iya 122 n'iya 176;	Pursuant to the Constitution of the Republic of Rwanda of 2003 revised in 2015, especially in Articles 119, 120, 122 and 176;	Vu la Constitution de la République du Rwanda de 2003 révisée en 2015, spécialement en ses articles 119, 120, 122 et 176;
Ashingiye ku Itegeko Ngenga n° 001/2019.OL ryo ku wa 29/07/2019 rigenga amatora, cyane cyane mu ngingo yaryo ya 154;	Pursuant to Organic Law n° 001/2019.OL of 29/07/2019 governing elections, especially in Article 154;	Vu la Loi Organique n° 001/2019.OL du 29/07/2019 régissant les élections, spécialement en son article 154;
Bisabwe na Minisitiri w'Ubutegetsi bw'Igihugu;	On proposal by the Minister of Local Government;	Sur proposition du Ministre de l'Admnistrarion Locale;
Inama y'Abaminisitiri yateranye ku wa 18/01/2021 imaze kubisuzuma no kubyemeza;	After consideration and approval by the Cabinet, in its meeting of 18/01/2021;	Aprés examen et adoption par le Conseil des Ministres, en sa séance du 18/01/2021;
ATEGETSE:	**ORDERS:**	**ARRÊTE:**

UMUTWE WA MBERE: INGINGO RUSANGE	**CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS**	**CHAPITRE PREMIER: DISPOSITIONS GÉNÉRALES**
Ingingo ya mbere: Icyo iri teka rigamije	**Article One: Purpose of this Order**	**Article premier: Objet du présent arrêté**
Iri teka rigena abagize Komite Nyobozi ya buri Nama y'Igihugu, inzego z'imitegekere y'Igihugu batorerwaho, abagize inteko zitora, ibisabwa abakandida n'uburyo amatora yabo akorwa.	This Order determines the members of the Executive Committee of each National Council, the administrative entities of the country where they are elected, members of the electoral college, the requirements for candidates and the modalities for their elections.	Le présent arrêté détermine les membres du Comité Exécutif de chaque Conseil National, l'entité administrative du pays au niveau de laquelle ils sont élus, les membres du collège électoral, les conditions requises aux candidats et les modalités de leurs élections.
Ingingo ya 2: Ibirebwa n'iri teka	**Article 2: Scope of this Order**	**Article 2: Champ d'application du présent arrêté**
Iri teka rigenga itora ry'abagize: 1° Komite Nyobozi z'Inama y'Igihugu y'Abagore; 2° Komite Nyobozi z'Inama y'Igihugu y'Urubyiruko; 3° na Komite Nyobozi z'Inama y'Igihugu y'Abantu bafite Ubumuga.	This Order applies to the election of members of: 1° the Executive Committees of the National Women Council; 2° the Executive Committees of the National Youth Council; and 3° the Executive Committees of the National Council of Persons with Disabilities.	Le présent arrêté s'applique à l'élection des membres: 1° des Comités Exécutifs du Conseil National des Femmes; 2° des Comités Exécutifs du Conseil National de la Jeunesse; et 3° des Comités Exécutifs du Conseil National des Personnes Handicapées.

Ingingo ya 3: Ibibujijwe mu gutora	**Article 3: Prohibitions in casting vote**	**Article 3: Interdictions lors du vote**
Umuntu abujijwe gutorera mu rwego rw'imitegekere y'Igihugu adatuyemo. Abujijwe kandi gutora iyo atari mu bagize inteko itora y'urwego itora riberamo.	A person is prohibited to vote in administrative entity other than that of his or her residence. He or she is also prohibited to vote when he or she is not in electoral college at level concerned by election.	Une personne est interdite de voter dans une entité administrative autre que celle du lieu de sa résidence. Elle est aussi interdite de voter lorsqu'elle n'est pas dans le collège électoral à l'échelon où l'élection se déroule.
Ingingo ya 4: Itangwa rya kandidatire no kwiyamamaza	**Article 4: Submission of candidacies and electoral campaign**	**Article 4: Dépôt des candidatures et campagne électorale**
Mu matora y'abagize Komite Nyobozi y'Inama z'Igihugu, gutanga kandidatire no kwiyamamaza bikorwa ku munsi w'itora imbere y'abagize inteko itora.	In the elections of the members of the Executive Committee of National Councils, submission of candidacy and electoral campaign are done on the day of elections before the electoral college.	Durant les élections des membres du Comité Exécutif des Conseils Nationaux, le dépôt de candidatures et la campagne électorale se font le jour des élections devant le collège électoral.
Mbere y'uko itora riba, abakandida bahabwa umwanya ungana wo kwiyamamaza.	Before election, the equal time is given strictly to each candidate for conducting electoral campaign.	Avant l'élection, il est accordé à chaque candidat le temps strictement égal pour mener la campagne électorale.
Umukandida yiyamamaza ku giti cye.	A candidate submits his or her candidacy in person.	Un candidat présente lui-même sa candidature.
Icyakora, abagize inteko itora bashobora gutangaho umukandida umuntu udahari baziho ubushobozi n'ubunyangamugayo. Uwo mukandida agomba kubanza kubyemera. Ahagararirwa mu matora n'umwe mu bagize inteko itora.	However, members of electoral college may support a candidate in absentia that they consider competent and of integrity who agrees to be a candidate. He or she is represented by one of the members of electoral college during elections.	Toutefois, les membres du collège électoral peuvent présenter comme candidat une personne absente qu'ils estiment compétente et intègre et qui accepte d'être candidat. Elle est représentée par un des membres du collège électoral lors des élections.

Amatora ku myanya y'abagize Komite Nyobozi akorwa hakurikijwe uko imyanya ikurikirana. Uwatsinzwe amatora ku mwanya umwe yiyamamarijeho, yemerewe kwiyamamariza umwanya ukurikiraho iyo yujuje ibisabwa.	Elections to the posts within the Executive committee are conducted in a successive order. The candidate who lost a post for which he or she competed, may campaign for the following post if he or she meets the requirements.	Les élections aux postes du Comité Exécutif se font suivant leur ordre de succession. Le candidat qui a échoué à un poste pour lequel il a concouru, il est autorisé à mener la campagne pour le poste suivant s'il remplit les conditions.
Uwatowe ku mwanya wa Komite Nyobozi ku rwego rubanza ashobora kwiyamamariza umwanya uwo ari wo wose wo muri Komite Nyobozi ku rwego rwisumbuye.	An elected candidate at a lower level within the Executive Committee may present his or her candidacy for any post at higher level.	Un candidat élu au sein du Comité Exécutif à l'échelon inférieur peut présenter sa candidature à n'importe quel poste au niveau supérieur.
Birabujijwe kwiyamamaza mu izina ry'umutwe wa politiki.	It is prohibited to campaign on behalf of a political organisation.	Il est interdit de mener la campagne au nom d'une formation politique.
Ingingo ya 5: Uburyo bwo gutora	**Article 5: Voting modalities**	**Article 5: Modalités de vote**
Mu matora yo ku rwego rw'Umudugudu, abatora bajya ku murongo inyuma y'umukandida bihitiyemo.	During elections at the Village level, voters queu behind the candidate of their choice.	Lors des élections au niveau du Village, les électeurs s'alignent derrière le candidat de leur choix.
Umukandida ntiyemerewe guhindukira kugeza igihe ibarura ry'amajwi rirangiriye.	The candidate is not authorised to look back before the end of counting of votes.	Le candidat n'est pas autorisé à regarder en arrière avant la fin du comptage des voix.
Ku rwego rw'Akagari, urw'Umurenge, urw'Akarere, urw'Intara, urw'Umujyi wa Kigali no ku rwego rw'Igihugu, itora rikorwa mu ibanga, buri muntu mu bagize inteko itora yandika ku rupapuro rwabugenewe amazina y'umukandida ahisemo.	At the Cell, Sector, District, Provincial, City of Kigali and National levels, election is conducted in secret ballot. Each member of electoral college writes names of the candidate of his or her choice on paper designed for that purpose.	Au niveau de la Cellule, du Secteur, du District, de la Province, de la Ville de Kigali et au niveau national, les élections se font au scrutin secret. Chacun des membres du collège électoral mentionne les noms du candidat de son choix sur le papier préparé à cet effet.

Ingingo ya 6: Ibarura ry'amajwi n'itangazwa ry'ibyavuye mu matora	**Article 6: Counting of votes and publication of elections results**	**Article 6: Comptage des voix et publication des résultats électoraux**
Mu matora y'abagize Komite Nyobozi y'Inama z'Igihugu, kubarura amajwi bitangira amatora akirangira bigakorerwa imbere y'abagize inteko itora bahari. Abayoboye amatora bahita bamenyesha abaturage bahari ibyavuye mu matora.	In the elections of the members of the Executive Committee of the National Councils, counting of votes starts immediately after the closure of polls, before members of electoral college present. The polling officers declare elections results to the population present as soon as counting of votes is done.	Durant les élections des membres du Comité Exécutif des Conseils Nationaux, le comptage des voix commence immédiatement après la clôture du scrutin devant les membres du collège électoral présents. Les agents électoraux déclarent immédiatement à la population présente les résultats électoraux.
Kuri buri rwego rwatoreweho, abakandida barushije abandi amajwi ni bo baba batowe.	At each level through which election has been conducted, candidates who obtain more votes are considered as elected.	À chaque niveau des élections, sont déclarées élus les candidats ayant obtenu le plus grand nombre de voix.
Icyakora, iyo hari abakandida nibura babiri (2) banganyije amajwi, itora risubirwamo inshuro imwe gusa kuri abo bakandida banganyije amajwi. Iyo bongeye kunganya amajwi, hakoreshwa tombola kugira ngo hamenyekane uwegukanye umwanya.	However, when there are at least two (2) candidates with equal number of votes, another round of elections is conducted only once between those with equal number of votes. If they obtain the same number of votes again, the winner is decided by drawing lots.	Toutefois, lorsqu'il y a au moins deux (2) candidats à égalité de voix, il est procédé à un second et dernier tour pour ces candidats à égalité de voix. Si l'égalité persiste, le gagnant est déterminé par tirage au sort.
Amabwiriza ya Komisiyo y'Igihugu y'Amatora agena uburyo tombola ikorwa.	Instructions of the National Electoral Commission determine modalities for drawing lots.	Les instructions de la Commission Nationale Électorale fixent les modalités de tirage au sort.
Abayoboye amatora bakora inyandikomvugo y'ibyavuye mu itora. Imiterere y'iyo nyandikomvugo n'igihe bikorerwa bigenwa	The polling officers draw up minutes of the electoral results. The model of those minutes and the time they are drawn up are	Les agents chargés du scrutin établissent un procès-verbal des résultats du scrutin. Le modèle de ce procès-verbal et le moment de son

n'amabwiriza ya Komisiyo y'Igihugu y'Amatora.	determined by the instructions of the National Electoral Commission.	établissement sont déterminés par la Commission Nationale Électorale.
Ingingo ya 7: Isimburwa ry'ugize Komite Nyobozi watowe ku rwego rwisumbuye	**Article 7: Replacement of the member of the Executive Committee elected at higher level**	**Article 7: Remplacement du membre du Comité Exécutif élu à l'échelon supérieur**
Ugize Komite Nyobozi y'Inama y'Igihugu watowe ku rwego rwisumbuye, asimburwa ku rwego rwo hasi yari yatoreweho mbere n'uwamukurikiye mu majwi wabonye nibura amajwi angana na mirongo itanu ku ijana (50%) by'amajwi y'uwo asimbura.	A member of the Executive Committee of the National Council elected at higher level is replaced at his or her position at lower level by the candidate who followed him or her. This substitute must have obtained at least fifty percent (50%) of the voices obtained by the one he or she is replacing.	Un membre du Comité Exécutif du Conseil National élu au niveau supérieur est remplacé à son poste au niveau inférieur par le candidat qui l'a suivi lors des élections. Ce dernier doit avoir au moins obtenu cinquante pourcent (50%) des voix de celui qu'il remplace.
Iyo nta musimbura uhari, amatora kuri uwo mwanya akorwa mu gihe kitarenze iminsi irindwi (7).	In case, there is no subtitute, election is organised within a period not exceeding seven (7) days.	Au cas où il n'y a aucun remplaçant, le scrutin est organisé dans une période n'excédant pas sept (7) jours.
Ingingo ya 8: Gukemura impaka zijyanye n'imigendekere y'itora	**Article 8: Resolution of electoral process related complaints**	**Article 8: Résolution des litiges liés au déroulement des élections**
Ikibazo kijyanye n'imigendekere y'itora ry'abagize Komite Nyobozi b'Inama z'Igihugu gihita gishyikirizwa umuyobozi w'itora ku rwego riberaho, agahita agikemurira mu ruhame imbere y'abaturage aho itora ryabereye kandi bigashyirwa mu nyandikomvugo.	A complaint arising from the election process of members of the Executive Committee of the National Councils is immediately lodged with the election supervisor at the concerned level and he or she settles it publicly in front of the population and he or she records this in a statement.	Un litige lié au déroulement des élections des membres du Comité Exécutif des Conseils Nationaux est immédiatement adressé au superviseur des élections au niveau de l'échelon concerné qui statue publiquement devant la population et en fait mention dans le procès-verbal.

Iyo icyo kibazo kidashyikirijwe umuyobozi w'itora kuri urwo rwego itora rikirangira, ntikiba kicyakiriwe.	Where the complaint is not lodged with the election supervisor immediately after the end of elections at the concerned level, it becomes inadmissible.	Lorsque le litige n'est pas soumis au superviseur des élections immédiatement après la fin de celles-ci à l'échelon concerné, il devient irrecevable.
<u>Ingingo ya 9</u>: Manda n'isimburwa ry'abagize Komite Nyobozi z'Inama z'Igihugu	**<u>Article 9</u>: Term of office and replacement of the members of the Executive Committees of the National Councils**	**<u>Article 9</u>: Mandat et remplacement des membres des Comités Exécutifs des Conseils Nationaux**
Ku nzego zose, abagize Komite Nyobozi z'Inama z'Igihugu batorerwa igihe cy'imyaka itanu (5) gishobora kongerwa inshuro imwe ku myanya batoreweho.	Members of the Executive Committees of the National Councils are elected for a five (5) years term, renewable once at their positions, at all levels.	À tous les niveaux, les membres des Comités Exécutifs des Conseils Nationaux sont élus pour un mandat de cinq (5) ans renouvelable une fois à leurs postes.
Icyakora, uhagarariye urubyiruko rwiga mu mashuri yisumbuye akorera mu rwego rw'imitegekere y'Igihugu bireba atorerwa manda y'imyaka ibiri (2) idashobora kongerwa.	However, a representative of the youth attending secondary school operating in the concerned administrative entity is elected for a two (2) years term non renewable.	Toutefois, un représentant de la jeunesse fréquentant les écoles secondaires oeuvrant dans l'entité administrative concernée est élu pour un mandat de deux (2) ans non renouvelable.
Iyo umuntu watowe muri Komite Nyobozi y'Inama y'Igihugu avuye mu mwanya kubera impamvu ziteganywa mu ngingo ya 10 y'iri teka, asimburwa hakoreshejwe itora mu gihe kitarenze amezi atatu (3) akurikira guhagarara ku mirimo ye. Icyakora, iyo hasigaye amezi atandatu (6) cyangwa atagezeho ngo manda yatorewe irangire, nta tora rikoreshwa.	In case an elected member of the Executive Committee of the National Council cannot fulfil his or her duties due to reasons provided in Article 10 of this Order, he or she is replaced through elections organised within three (3) months following suspension of his or her duties. However, if the remaining period to complete the term of office is six (6) months or less, the elections are not conducted.	Losque le membre élu du Comité Exécutif du Conseil National ne peut exercer ses fonctions pour des raisons prévues à l'article 10 du présent arrêté, il est remplacé par voie d'élections qui sont organisées dans les trois (3) mois à compter de l'arrêt de ses fonctions. Toutefois, s'il ne reste que six (6) mois ou moins pour la fin du mandat, les élections ne sont pas organisées.

Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Inama y'Igihugu ageza kuri Komisiyo y'Igihugu y'Amatora imyanya yose ikeneye abasimbura mu gihe kitarenze iminsi mirongo itatu (30) Umuyobozi uvuye mu mwanya yari yaratorewe.	The Executive Secretary of the National Council communicates to the Commission all positions to be filled within thirty (30) days from the date the elected leader left office.	Le Secrétaire Exécutif du Conseil National communique à la Commission, la liste exhaustive des postes à remplir dans les trente (30) jours qui suivent l'arrêt d'activité de l'autorité élue.
<u>Ingingo ya 10</u>: Impamvu zituma ugize Komite Nyobozi ava muri uwo mwanya	**<u>Article 10</u>: Reasons for loss of membership in the Executive Committee**	**<u>Article 10</u>: Causes de perte de la qualité de membre du Comité Exécutif**
Ugize Komite Nyobozi kuri buri rwego ava kuri uwo mwanya iyo:	A member of the Executive Committee at each level loses membership if:	Un membre du Comité Exécutif à chaque niveau perd la qualité de membre lorsque:
1° manda irangiye;	1° the term of office expires;	1° le mandat expire;
2° atuzuza neza inshingano ze byemejwe n'inteko rusange ku rwego bireba;	2° he or she does not efficiently perform his or her duties after approval by the general assembly at the concerned level;	2° il ne remplit pas efficacement ses fonctions après l'approbation de l'assemblée générale au niveau concerné;
3° akatiwe burundu igihano cy'igifungo kingana cyangwa kirengeje amezi atandatu (6);	3° he or she is definitively sentenced to an imprisonment equal to or more than six (6) months;	3° il est condamné définitivement à un emprisonnement égal ou supérieur à six (6) mois;
4° arangwa n'ivangura iryo ari ryo ryose;	4° he or she is characterised by any form of discrimination;	4° il est caractérisé par la discrimination de quelque nature que ce soit;
5° akoresha nabi, asesagura, yangiza, anyereza cyangwa yiba umutungo w'Inama y'Igihugu;	5° he or she misuses, squanders, damages, embezzles or steals the property of the National Council;	5° il abuse, dilapide, endommage, détourne ou vole le patrimoine du Conseil National;

6° yeguye akoresheje inyandiko;	6° he or she resigns in writing;	6° il démissionne par écrit;
7° asibye inama inshuro eshatu (3) zikurikirana mu mwaka nta mpamvu zifite ishingiro;	7° he or she does not attend meetings for three (3) consecutive times in a year without sound reasons;	7° il s'absente aux réunions trois (3) fois consécutives dans un an sans raisons valables;
8° abangamira inyungu z'Inama y'Igihugu cyangwa atakiri indakemwa mu mico no mu myifatire;	8° he or she jeopardises the interests of the National Council or no longer has good conduct and morals;	8° il compromet des intérêts du Conseil National ou n'est plus de bonne conduite et de bonnes moeurs;
9° atagishoboye kurangiza neza inshingano ze kubera uburwayi cyangwa ubumuga byemejwe na muganga wemewe na Leta;	9° he or she is no longer able to effectively discharge his or her duties due to a sickness or a disability approved by a recognised medical doctor;	9° il n'est plus apte à remplir ses attributions suite à une maladie ou une infirmité constatée par un médecin agréé;
10° bigaragaye ko atari yujuje ibyasabwaga kugira ngo ube ugize Komite Nyobozi igihe yayishyirwagamo;	10° it is proved that he or she did not fulfil the requirements for being a member of the Executive Committee at the time he or she took office;	10° il est constaté qu'il ne remplissait pas les conditions requises pour être membre du Comité Exécutif lors de son entrée en fonctions;
11° Komite Nyobozi isheshwe;	11° the Executive Committee is dissolved;	11° le Comité Exécutif est dissous;
12° apfuye.	12° he or she dies.	12° il décède.

UMUTWE WA II: INGINGO ZIHARIYE KU ITORA RY'ABAGIZE KOMITE NYOBOZI YA BURI NAMA Y'IGIHUGU	**CHAPTER II: SPECIFIC PROVISIONS ON ELECTION OF THE MEMBERS OF THE EXECUTIVE COMMITTEE OF EACH NATIONAL COUNCIL**	**CHAPITRE II: DISPOSITIONS PARTICLIÈRES À L'ELECTION DES MEMBRES DU COMITÉ EXÉCUTIF DE CHAQUE CONSEIL NATIONAL**
Icyiciro cya mbere: Inama y'Igihugu y'Abagore	**Section One: National Women's Council**	**Section première: Conseil National des Femmes**
Ingingo ya 11: Inzego z'imitegekere y'Igihugu abagize Komite Nyobozi batorerwaho	**Article 11: Administrative entities where members of Executive Committee are elected**	**Article 11: Entités administratives où sont élus les membres du Comité Exécutif**
Komite Nyobozi y'Inama y'Igihugu y'Abagore itorerwa ku rwego rw'Umudugudu, urw'Akagari, urw'Umurenge, urw'Akarere, urw'Intara, urw'Umujyi wa Kigali n'urw'Igihugu.	The Executive Committee of the National Women's Council is elected at the Village, Cell, Sector, District, Province, City of Kigali and national levels.	Le Comité Exécutif du Conseil National des Femmes est élu au niveau du Village, de la Cellule, du Secteur, du District, de la Province, de la Ville de Kigali et au niveau national.
Ingingo ya 12: Abagize Komite Nyobozi y'Inama y'Igihugu y'Abagore	**Article 12: Members of the Executive Committee of the National Women's Council**	**Article 12: Membres du Comité Exécutif du Conseil National des Femmes**
Komite Nyobozi y'Inama y'Igihugu y'Abagore kuri buri rwego igizwe n'aba bakurikira: 1° Umuhuzabikorwa; 2° Umuhuzabikorwa Wungirije; 3° Umunyamabanga;	The Executive Committee of the National Women's Council at each level is comprised of the following members: 1° the Coordinator; 2° the Deputy Coordinator; 3° the Secretary;	Le Comité Exécutif du Conseil National des Femmes à chaque niveau comprend des membres suivants: 1° la Coordinatrice; 2° la Coordinatrice Adjointe; 3° la Secrétaire;

4° Ushinzwe ubukungu; 5° Ushinzwe imibereho myiza; 6° Ushinzwe imiyoborere myiza; 7° Ushinzwe amategeko. Ku rwego rw'Igihugu, Umuhuzabikorwa n'Umuhuzabikorwa Wungirije, hakurikijwe uko bakurikirana bitwa Perezida na Visi-Perezida. **<u>Ingingo ya 13</u>: Inteko itora y'abagize Komite Nyobozi** Ku rwego rw'Umudugudu, inteko itora igizwe n'abantu b'igitsina gore batuye mu Mudugudu bafite nibura imyaka cumi n'umunani (18) y'amavuko. **<u>Ingingo ya 14</u>: Abemerewe gutora no gutorwa** Ku rwego rw'Akagari, urw'Umurenge, urw'Akarere, urw'Intara, urw'Umujyi wa Kigali n'urw'Igihugu, abemerewe gutora no gutorwa ni abatowe ku rwego rubanziriza urwego amatora aberaho.	4° the in charge of economic affairs; 5° the in charge of social affairs; 6° the in charge of good governance; 7° the in charge of legal affairs. At the national level, the Coordinator and Deputy Coordinator are respectively called President and Vice President. **<u>Article 13</u>: Electoral college of the members of the Executive Committee** At the Village level, the electoral college is composed of all women living in the Village who are at least eighteen (18) years of age. **<u>Article 14</u>: Persons allowed to vote and to be elected** At the Cell, Sector, District, Provincial, Kigali City and national levels, the persons allowed to vote and to be elected are the ones elected at preceding level of the elections.	4° la chargée des affaires économiques; 5° la chargée des affaires sociales; 6° la chargée de la bonne gouvernance; 7° la chargée des affaires juridiques. Au niveau national, la Coordinatrice et la Coordinatrice Adjointe sont respectivement appelées Présidente et Vice-Présidente. **<u>Article 13</u>: Collège électoral des membres du Comité Exécutif** Au niveau du Village, le collège électoral est constitué par toutes les femmes résidant dans le Village âgées d'au moins dix-huit (18) ans. **<u>Article 14</u>: Personnes admises à élire et être élues** Au niveau de la Cellule, du Secteur, du District, de la Province, de la Ville de Kigali et au niveau National, les personnes admises à élire ou être élues sont celles qui ont été élues à l'échelon précédant des élections.

Ingingo ya 15: Ibisabwa umukandida muri Komite Nyobozi	**Article 15: Candidacy requirements for the Executive Committee membership**	**Article 15: Conditions exigées à la candidate au Comité Exécutif**
Kugira ngo umukandida atorerwe kuba ugize Komite Nyobozi y'Inama y'Igihugu y'Abagore ku rwego rw'Igihugu, ku rw'Intara no ku rw'Umujyi wa Kigali, agomba kuba afite nibura impamyabumenyi yemewe na Leta y'icyiciro cya mbere cy'ishuri rikuru.	To be elected as a member of the Executive Committee of the National Women's Council at the national, Provincial and Kigali City levels, a candidate must hold at least a bachelor's degree recognized by the State from an institution of higher learning.	Pour être élue membre du Comité Exécutif du Conseil National des Femmes au niveau national, de la Province et de la Ville de Kigali, la candidate doit détenir au moins un diplôme de licence agréé par l'État délivré par une institution d'enseignement supérieur.
Kugira ngo umukandida atorerwe kujya muri Komite Nyobozi y'Inama y'Igihugu y'Abagore ku rwego rw'Akarere cyangwa urw'Umurenge, agomba kuba afite nibura impamyabumenyi cyangwa impamyabushobozi y'amashuri atandatu (6) yisumbuye yemewe na Leta.	To be elected as a member of the Executive Committee of the National Women's Council at the District or Sector level, a candidate must at least hold a six (6) year secondary school level certificate or diploma recognized by the State.	Pour être élue membre du Comité Exécutif du Conseil National des Femmes au niveau du District ou du Secteur, la candidate doit détenir au moins un certificat de l'école sécondaire ou un diplôme de niveau A2 reconnu par l'État.
Icyakora, Umuhuzabikorwa w'Inama y'Igihugu y'Abagore ku rwego rw'Akarere agomba kuba nibura afite impamyabumenyi yemewe na Leta y'icyiciro cya mbere cy'ishuri rikuru.	However, the Coordinator at District level, must hold at least a bachelor's degree recognized by the State from an institution of higher learning.	Toutefois, la Coordinatrice au niveau du District doit détenir au moins un diplôme de licence agréé par l'État délivré par une institution d'enseignement supérieur.
Kugira ngo umukandida atorerwe kuba ugize Komite Nyobozi y'Inama y'Igihugu y'Abagore ku rwego rw'Akagari cyangwa ku rw'Umudugudu, agomba kuba afite nibura amashuri atandatu (6) abanza.	To be elected as a member of the Executive Committee of the National Women's Council at the Cell or Village level, the candidate must have completed at least six (6) years of primary school.	Pour être élue membre du Comité Exécutif du Conseil National des Femmes au niveau de la Cellule ou du Village, la candidate doit avoir terminé au moins six (6) ans de l'école primaire.

Ingingo ya 16: Uburyo amatora akurikirana Amatora y'abagize Komite Nyobozi y'Inama y'Igihugu y'Abagore ahera ku rwego rw'Umudugudu agakomeza k'urw'Akagari, urw'Umurenge, urw'Akarere, urw'Intara, urw'Umujyi wa Kigali, agasorezwa ku rwego rw'Igihugu.	**Article 16: Succession of elections** The elections of the members of the Executive Committee of the National Women's Council start at the Village level, follow at the Cell, Sector, District, Province, City of Kigali and end at the national level.	**Article 16: Succession des élections** Les élections des membres du Comité Exécutif du Conseil National des Femmes commencent au niveau du Village, suivent au niveau de la Cellule, du Secteur, du District, de la Province, de la Ville de Kigali et se terminent au niveau national.
Icyiciro cya 2: Inama y'Igihugu y'Abantu bafite Ubumuga	**Section 2: National Council for Persons with Disabilities**	**Section 2: Conseil National des Personnes Handicapées**
Ingingo ya 17: Inzego z'imitegekere y'Igihugu abagize Komite Nyobozi batorerwaho Komite Nyobozi y'Inama y'Igihugu y'Abantu bafite Ubumuga itorerwa ku rwego rw'Akagari, urw'Umurenge, urw'Akarere, urw'Intara, urw'Umujyi wa Kigali n'urw'Igihugu.	**Article 17: Administrative entities where members of the Executive Committee are elected** The Executive Committee of the National Council for Persons with Disabilities is elected at the Cell, Sector, District, Province, City of Kigali and national levels.	**Article 17: Entités administratives où sont élus les membres du Comité Exécutif** Le Comité Exécutif du Conseil National des Personnes Handicapées est élu au niveau de la Cellule, du Secteur, du District, de la Province, de la Ville de Kigali et au niveau national.
Ingingo ya 18: Abagize Komite Nyobozi y'Inama y'Igihugu y'Abantu bafite Ubumuga Komite Nyobozi y'Inama y'Igihugu y'Abantu bafite Ubumuga kuri buri rwego igizwe n'aba bakurikira:	**Article 18: Members of the Executive Committee of the National Council for Persons with Disabilities** The Executive Committee of the National Council for Persons with Disabilities at each level is comprised of the following members:	**Article 18: Membres du Comité Exécutif du Conseil National des Personnes Handicapées** Le Comité Exécutif du Conseil National des Personnes Handicapées à chaque niveau comprend les membres suivants:

1° Umuhuzabikorwa; 2° Umuhuzabikorwa Wungirije; 3° Umunyamabanga; 4° Ushinzwe ubukungu; 5° Ushinzwe imibereho myiza; 6° Ushinzwe imiyoborere myiza; 7° Ushinzwe amategeko.	1° the Coordinator; 2° the Deputy Coordinator; 3° the Secretary; 4° the in charge of economic affairs; 5° the in charge of social affairs; 6° the in charge of good governance; 7° the in charge of legal affairs.	1° le Coordinateur; 2° le Coordinateur Adjoint; 3° le Secrétaire; 4° le chargé des affaires économiques; 5° le chargé des affaires sociales; 6° le chargé de la bonne gouvernance; 7° le chargé des affaires juridiques.
<u>Ingingo ya 19</u>: Abemerewe gutora no gutorwa Ku rwego rw'Akagari, inteko itora igizwe n'aba bakurikira: 1° abantu bose bafite ubumuga bafite nibura imyaka cumi n'umunani (18) y'amavuko batuye mu Kagari; 2° umubyeyi cyangwa umwishingizi ufite umwana ufite ubumuga bwo mu mutwe ariko uwo mwana agomba kuba afite uburenganzira bwo gutora.	**<u>Article 19</u>: Persons allowed to vote and to be elected** At the Cell level, the electoral college is composed of: 1° all persons with disabilities living in the Cell who are at least eighteen (18) years of age; 2° a parent or guardian of a child with a mental disability if the child has attained the right to vote.	**<u>Article 19</u>: Personnes admises à élire et à être élues** Au niveau de la Cellule, le collège électoral est composé de: 1° toutes personnes handicapées ayant au moins dix-huit (18) ans résidant dans la Cellule; 2° un parent ou tuteur d'un enfant qui a un handicap mental, à condition que l'enfant ait la qualité d'électeur.

Ku rwego rw'Umurenge, abemerewe gutora no gutorwa ni abagize Komite Nyobozi batowe ku rwego rw'Utugari tugize Umurenge.	At the Sector level, the persons allowed to vote and be elected are the members of Executive Committee at the level of the Cells constituting the Sector.	Au niveau du Secteur, les personnes admises à élire et à être élues sont les membres du Comité Exécutif au niveau des Cellules composant le Secteur.
Ku rwego rw'Akarere, abemerewe gutora no gutorwa ni abagize Komite Nyobozi ku rwego rw'Imirenge igize Akarere hiyongeyeho Abahuzabikorwa b'Inama y'Igihugu y'Abantu bafite Ubumuga ku rwego rw'Utugari.	At the District level, the persons allowed to vote and be elected are the members of the Executive Committee at the level of the Sectors constututing the District as well as the Coordinators of the National Council of the Persons with Disabilities at the level of the Cells.	Au niveau du District, les personnes admises à élire et à être élues sont les membres du Comité Exécutif au niveau des Secteurs composant le District ainsi que les Coordinateurs du Conseil National des Personnes Handicapées au niveau des Cellules.
Ku rwego rw'Intara cyangwa urw'Umujyi wa Kigali, abemerewe gutora no gutorwa ni abagize Komite Nyobozi ku rwego rw'Uturere tugize Intara cyangwa Umujyi wa Kigali hiyongeyeho Abahuzabikorwa b'Inama y'Igihugu y'Abantu bafite Ubumuga ku rwego rw'Imirenge.	At the Province or City of Kigali levels, the persons allowed to vote and be elected are the members of the Executive Committee at the level of the Districts constituting the Province or City of Kigali as well as the Coordinators of the National Council of the Persons with Disabilities at the level of the Sectors.	Au niveau de la Province ou de la Ville de Kigali, les personnes admises à élire et à être élues sont les membres du Comité Exécutif au niveau des Districts composant la Province ou la Ville de Kigali ainsi que les Coordinateurs du Conseil National des Personnes Handicapées au niveau des Secteurs.
Ku rwego rw'Igihugu, abemerewe gutora no gutorwa ni abagize Komite Nyobozi ku rwego rw'Intara cyangwa urw'Umujyi wa Kigali hiyongeyeho abagize Komite Nyobozi ku rwego rw'Uturere twose tugize Intara cyangwa Umujyi wa Kigali.	At the national level, the persons allowed to vote and be elected are the members of the Executive Committee at the Province or City of Kigali level as well as the members of the Executive Committee at the level of all Districts constituting the Province or City of Kigali.	Au niveau national, les personnes admises à élire et à être élues sont les membres du Comité Exécutif au niveau de la Province ou de la Ville de Kigali ainsi que les membres du Comité Exécutif au niveau de tous les Districts qui composent la Province ou la Ville de Kigali.

Ingingo ya 20: Ibisabwa umukandida muri Komite Nyobozi	**Article 20: Candidacy requirements for the Executive Committee membership**	**Article 20: Conditions exigées au candidat au Comité Exécutif**
Kugira ngo umukandida atorerwe kuba ugize Komite Nyobozi y'Inama y'Igihugu y'Abantu bafite Ubumuga ku rwego rw'Igihugu, urw'Intara n'urw'Umujyi wa Kigali, agomba kuba afite nibura impamyabumenyi yemewe na Leta y'icyiciro cya mbere cy'ishuri rikuru.	To be elected as a member of the Executive Committee of the National Council of Persons with Disabilities at the National, Provincial and City of Kigali levels, the candidate must hold at least a bachelor's degree recognized by the State from an institution of higher learning.	Pour être élu membre du Comité Exécutif du Conseil National des Personnes Handicapées au niveau National, de la Province et de la Ville de Kigali, le candidat doit détenir au moins un diplôme de licence agréé délivré par une institution d'enseignement supérieur.
Kugira ngo umukandida atorerwe kuba ugize Komite Nyobozi y'Inama y'Igihugu y'Abantu bafite Ubumuga ku rwego rw'Akarere, agomba kuba afite nibura impamyabumenyi cyangwa impamyabushobozi y'amashuri atandatu (6) yisumbuye yemewe na Leta.	To be elected a member of the Executive Committee of the National Council of Persons with Disabilities at the District level, the candidate must hold at least a six (6) year secondary school level certificate or diploma recognized by the State.	Pour être élu membre du Comité Exécutif du Conseil National des Personnes Handicapées au niveau du District, le candidat doit détenir au moins un certificat de l'école sécondaire ou un diplôme de niveau A2 reconnu par l'État.
Kugira ngo umukandida atorerwe kuba ugize Komite Nyobozi y'Inama y'Igihugu y'Abantu bafite Ubumuga ku rwego rw'Umurenge n'urw'Akagari, agomba kuba yararangije nibura amashuri atandatu (6) abanza.	To be elected a member of the Executive Committee of the National Council of Persons with Disabilities at the Sector and the Cell levels, the candidate must have completed at least six (6) years of primary school.	Pour être élu membre du Comité Exécutif du Conseil National des Personnes Handicapées au niveau du Secteur et de la Cellule, le candidat doit avoir terminé au moins six (6) ans de l'école primaire.
Umuhuzabikorwa n'Umuhuzabikorwa Wungirije w'Inama y'Igihugu y'Abantu bafite Ubumuga kuri buri rwego bagomba no kuba bafite ubumuga butababuza kuyobora	The Coordinator and the Deputy Coordinator of the National Council of Persons with Disabilities at each level must be disabled persons with the disability which does not prevent them from managing the National	Le Coordinateur et le Coordinateur Adjoint du Conseil National des Personnes Handicapées à chaque niveau doivent en être des personnes vivant avec un handicap qui ne les prive pas de

Inama y'Igihugu y'Abantu bafite Ubumuga ku rwego bariho.	Council of Persons with Disabilities at the respective level.	la capacité de diriger le Conseil National des Personnes Handicapées à leur niveau respectif.
Abagize Komite Nyobozi bagomba guturuka mu byiciro binyuranye by'ubumuga aho bishoboka. Icyakora, iyo ibyiciro byose bidashoboye kuboneka ku rwego uru n'uru rw'imitegekere y'Igihugu, ntibibuza abahari kuzuza Komite Nyobozi.	The members of the Executive Committee must come from different categories of disabilities. If these different categories are lacking at the level of an administrative entity, the Executive Committee is completed by the members present.	Les membres du Comité Exécutif doivent provenir de différentes catégories d'handicaps. Si ces différentes catégories font défaut au niveau d'une entité administrative, le Comité Exécutif est complété par les membres présents.
Ingingo ya 21: Uburyo amatora akurikirana	**Article 21: Succession of elections**	**Article 21: Succession des élections**
Amatora y'abagize Komite Nyobozi y'Inama y'Igihugu y'Abantu bafite Ubumuga atangirira ku rwego rw'Akagari agakomeza ku rwego rw'Umurenge, urw'Akarere, urw'Intara, urw'Umujyi wa Kigali, agasorezwa ku rwego rw'Igihugu.	The elections of the members of the Executive Committee of the National Council of Persons with Disabilities start at the Cell level, follow at the Sector, District, Province, City of Kigali levels and end at national level.	Les élections des membres du Comité Exécutif du Conseil National des Personnes Handicapées commencent au niveau de la Cellule, suivent au niveau du Secteur, du District, de la Province, de la Ville de Kigali et se terminent au niveau national.
Icyiciro cya 3: Inama y'Igihugu y'Urubyiruko	**Section 3: National Youth Council**	**Section 3: Conseil National de la Jeunesse**
Ingingo ya 22: Inzego z'imitegekere y'Igihugu abagize Komite Nyobozi batorerwaho	**Article 22: Administrative entities where members of the Executive Committee are elected**	**Article 22: Entités administratives où sont élus les membres du Comité Exécutif**
Komite Nyobozi y'Inama y'Igihugu y'Urubyiruko itorerwa ku rwego rw'Umudugudu, urw'Akagari, urw'Umurenge, urw'Akarere n'urw'Igihugu.	The Executive Committee of the National Youth Council is elected at the Village, Cell, Sector, District and national levels.	Le Comité Exécutif du Conseil National de la Jeunesse est élu au niveau du Village, de la Cellule, du Secteur, du District et au niveau national.

Ingingo ya 23: Abagize Komite Nyobozi y'Inama y'Igihugu y'Urubyiruko Komite Nyobozi y'Inama y'Igihugu y'Urubyiruko kuri buri rwego igizwe n'aba bakurikira: 1° Umuhuzabikorwa; 2° Umuhuzabikorwa Wungirije; 3° Umunyamabanga; 4° Ushinzwe ubukungu; 5° Ushinzwe imibereho myiza; 6° Ushinzwe imiyoborere myiza n'amategeko; 7° Ushinzwe itangazamakuru n'ubutwererane; 8° Uhagarariye urubyiruko rwiga muri mashuri makuru bikorera mu rwego rw'imitegekere y'Igihugu bireba;	**Article 23: Members of the Executive Committee of the National Youth Council** The Executive Committee of the National Youth Council at each level is comprised of the following members: 1° the Coordinator; 2° the Deputy Coordinator; 3° the Secretary; 4° the in charge of economic affairs; 5° the in charge of social affairs; 6° the in charge of good governance and legal affairs; 7° the in charge of information and cooperation; 8° a representative of the youth attending higher learning institutions operating in the concerned administrative entity;	**Article 23: Membres du Comité Exécutif du Conseil National de la Jeunesse** Le Comité Exécutif du Conseil National de la Jeunesse à chaque niveau comprend les membres suivants: 1° le Coordinateur; 2° le Coordinateur Adjoint; 3° le Secrétaire; 4° le chargé des affaires économiques; 5° le chargé des affaires sociales; 6° le chargé de la bonne gouvernance et des affaires juridiques; 7° le chargé de l'information et de la coopération; 8° un représentant de la jeunesse étudiant dans les institutions d'enseignement supérieur oeuvrant dans l'entité administrative concernée;

9° Uhagarariye urubyiruko rwiga mu mashuri yisumbuye akorera mu rwego rw'imitegekere y'Igihugu bireba.	9° a representative of the youth attending secondary schools operating in the concerned administrative entity.	9° un représentant de la jeunesse fréquentant les écoles secondaires oeuvrant dans l'entité administrative concernée.
<u>Ingingo ya 24</u>: Inteko itora	**<u>Article 24</u>: Electoral college**	**<u>Article 24</u>: Collège électoral**
Ku rwego rw'Umudugudu, inteko itora igizwe n'urubyiruko rutuye mu Mudugudu rufite kuva ku myaka cumi n'itandatu (16) kugeza ku myaka mirongo itatu (30) y'amavuko.	At the village level, the electoral college is composed of all the youth residing in the Village aged from sixteen (16) to thirty (30) years.	Au niveau du Village, le collège électoral est composé de la jeunesse résidant dans le Village âgée de seize (16) ans à trente (30) ans.
Ku rwego rw'Akagari, urw'Umurenge, urw'Akarere n'urw'Igihugu, abemerewe gutora no gutorwa ni abatowe ku rwego rubanziriza amatora aberaho.	At the Cell, Sector, District and national levels, the persons allowed to vote and to be elected are the ones elected at preceding level.	Au niveau de la Cellule, du Secteur, du District et au niveau national, les personnes admises à voter et à être élues sont celles qui ont été élues à l'échelon précédant.
<u>Ingingo ya 25</u>: Ibisabwa umukandida muri Komite Nyobozi	**<u>Article 25</u>: Candidacy requirements for the Executive Committee membership**	**<u>Article 25</u>: Conditions exigées au candidat au Comité Exécutif**
Kugira ngo umukandida atorerwe kuba ugize Komite Nyobozi y'Inama y'Igihugu y'Urubyiruko, agomba kuba afite nibura imyaka cumi n'umunani (18) y'amavuko.	To be elected as a member of the Executive Committee the National Youth Council, the candidate must be at least aged of eighteen (18) years.	Pour être membre du Comité Exécutif du Conseil National de la Jeunesse, le candidat doit être âgé d'au moins dix huit (18) ans.
Icyakora, kugira ngo umukandida atorerwe kuba uhagarariye urubyiruko rwiga mu mashuri yisumbuye akorera mu rwego rw'imitegekere y'Igihugu bireba, agomba	However, to be elected as representative of the youth in secondary schools operating in the concerned administrative entity, the candidate must be at least aged of sixteen (16) years.	Toutefois, pour être élu comme le représentant de la jeunesse fréquentant les écoles secondaires opérant dans l'entité administrative concernée, le candidat doit être âgé d'au moins seize (16) ans.

kuba afite nibura imyaka cumi n'itandatu (16) y'amavuko.		
Kugira ngo umukandida atorerwe kuba ugize Komite Nyobozi y'Inama y'Igihugu y'Urubyiruko ku rwego rw'Igihugu, agomba kuba afite nibura impamyabumenyi yemewe na Leta y'icyiciro cya mbere cy'ishuri rikuru.	To be elected as a member of the Executive Committee of the National Youth Council at the national level, the candidate must hold at least a bachelor's degree recognized by the State from an institution of higher learning.	Pour être élu membre du Comité Exécutif du Conseil National de la Jeunesse au niveau national, le candidat doit détenir au moins un diplôme de licence agréé délivré par une institution d'enseignement supérieur.
Kugira ngo umukandida atorerwe kuba ugize Komite Nyobozi y'Inama y'Igihugu y'Urubyiruko ku rwego rw'Akarere, urw'Akagari n'urw'Umurenge, agomba kuba afite nibura impamyabushobozi y'amashuri atandatu (6) yisumbuye.	To be elected as a member of the Executive Committee of the National Youth Council at the District, Sector and Cell levels, the candidate must have completed at least six (6) years of secondary school.	Pour être élu membre du Comité Exécutif du Conseil National de la Jeunesse au niveau du District, du Secteur et de la Cellule, le candidat doit avoir au moins un certificat d'études secondaire.
Kugira ngo umukandida atorerwe kuba ugize ya Biro ya Komite Nyobozi y'Inama y'Igihugu y'Urubyiruko ku rwego rw'Umurenge cyangwa urw'Akarere, agomba kuba afite nibura imyaka makumyabiri n'umwe (21) y'amavuko.	To be elected as member of the Bureau of the Executive Committee of the National Youth Council at the Sector or District level, the candidate must be at least aged of twenty one (21) years.	Pour être élu membre du Bureau du Comité Exécutif du Conseil National de la Jeunesse au niveau du Secteur ou du Ditrict, le candidat doit être âgé d'au moins vingt-et-un (21) ans.
Ku rwego rw'Umudugudu, umukandida agomba kuba azi gusoma no kwandika neza.	At the Village level, the candidate must know reading and writing correctly.	Au niveau du Village, le candidat doit savoir lire et écrire correctement.
<u>Ingingo ya 26</u>: Uburyo amatora akurikirana	**<u>Article 26</u>: Succession of elections**	**<u>Article 26</u>: Succession des élections**
Amatora y'abagize Komite Nyobozi y'Inama y'Igihugu y'Urubyiruko atangirira ku rwego	The elections of the members of the Executive Committee of the National Youth	Les élections des membres du Comité Exécutif du Conseil National de la Jeunesse commencent

rw'Umudugudu agakomereza ku rw'Akagari, urw'Umurenge, urw'Akarere, agaherukira ku rwego rw'Igihugu.	Council start at the Village level, follow at the Cell, Sector, District levels and end at national level.	au niveau du Village, suivent au niveau de la Cellule, du Secteur, du District et se terminent au niveau national.
UMUTWE WA III: INGINGO ZISOZA	**CHAPTER III: FINAL PROVISIONS**	**CHAPITRE III: DISPOSITIONS FINALES**
Ingingo ya 27: Abashinzwe gushyira mu bikorwa iri teka	**Article 27: Authorities responsible for the implementation of this Order**	**Article 27: Autorités chargées de l'exécution du présent arrêté**
Minisitiri w'Ubutegetsi bw'Igihugu na Minisitiri w'Imari n'Igenamigambi bashinzwe gushyira mu bikorwa iri teka.	The Minister of Local Government and the Minister of Finance and Economic Planning are entrusted with the implementation of this Order.	Le Ministre de l'Administration Locale et le Ministre des Finances et de la Planification Économique sont chargés de l'exécution du présent arrêté.
Ingingo ya 28: Ivanwaho ry'ingingo zinyuranyije n'iri teka	**Article 28: Repealing provision**	**Article 28: Disposition abrogatoire**
Ingingo zose z'amateka abanziriza iri kandi zinyuranyije na ryo zivanyweho.	All prior provisions contrary to this Order are repealed.	Toutes les dipositions antérieures contraires au présent arrêté sont abrogées.
Ingingo ya 29: Igihe iri teka ritangirira gukurikizwa	**Article 29: Commencement**	**Article 29: Entrée en vigueur**
Iri teka ritangira gukurikizwa ku munsi ritangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda.	This Order comes into force on the date of its publication in the Official Gazette of the Republic of Rwanda.	Le présent arrêté entre en vigueur le jour de sa publication au journal officiel de la République du Rwanda.

Kigali, 29/08/2021 (sé) **Dr NGIRENTE Edouard** Minisitiri w'Intebe Prime Minister Premier Ministre
(sé) **GATABAZI Jean Marie Vianney** Minisitiri w'Ubutegetsi bw'Igihugu Minister of Local Government Ministre de l'Administration Locale
Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya Repubulika: **Seen and sealed with the Seal of the Republic:** **Vu et scellé du Sceau de la République:** (sé) **BUSINGYE Johnston** Minisitiri w'Ubutabera akaba n'Intumwa Nkuru ya Leta Minister of Justice and Attorney General Ministre de la Justice et Garde des Sceaux